


REPUBLIKA Y'U RWANDA



UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE

KURA NEZA



Inyoborabarezi mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana
Bato rukorera mu muryango





“UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE”

KURA NEZA





© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuza gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation.

IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa Abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Murabizi neza ko mu mucu wacu umugore utwite yubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana atwite.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka 3 ya mbere y'ubuzima, imukurire y'ubwonko iba igeze ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko icyo umwana atitaweho muri icyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara icyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza.

Mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato, Abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukanguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhame, gusoma kwandika n'ibindi.

Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato uko bashoboye bazirikana ko *"Ak'imuhana kaza imvura ihise"*.

Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hagamijwe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turusheho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.


SHAMI Elodie

Umuyobozi Mukuru wa Imbutu Foundation



GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abarezi b'abana bato ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza Serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato binyuze mu Rugo Mbenezamikurire rukorera mu rugo.

Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijye zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imikurire myiza ye, mu bwenge, mu gihagarago, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho yunganira ababyeyi/abarezi mu mitangire ya serivisi z'ubuzima, imirire, isuku, kurinda no kurengera umwana, uburere buboneye n'iterambere ry'umuryango, hibandwa ku babyeyi bafasha gutanga izo service mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rukorera mu rugo, nubwo ishobora no kwifashishwa n'abarezi bo mu zindi Ngo Mbenezamikurire y'Abana Bato.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire abarezi mu ngo mbenezamikurire y'abana bato zikorera mu ngo.

Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbutu Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu gutegura iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi muri Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa kurushaho.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.



INGABIRE Assumpta
Umuyobozi Mukuru

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana- NCDA

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE.....	iii
GUSHIMIRA.....	v
ISHAKIRO.....	vi
IMPINE N'IBISOBANURO BY'AMAGAMBO YIFASHISHIJE.....	x
INTANGIRIRO.....	xii

UMUTWE WA MBERE: GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO N'AKAMARO KAYO.....1

Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato.....	1
1.2. Inkingi za Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato.....	1
1.3. Akamaro ka Gahunda Mbenezamikurire y'Abana Bato.....	4

UMUTWE WA KABIRI: INZEGO N'IBYICIRO BY'IMIKURIRE Y'UMWANA MUTO.....6

2.1. Inzego n'ibyiciro by'imikurire y'umwana muto.....	7
2.1.1. Inzego z' imikurire.....	7
2.1.2. Ibyiciro by'imikurire y'umwana.....	7
2.1.3. Bimwe mu biranga ubushobozi bw'umwana mu byiciro bitandukanye y'imikurire.....	9
2.1.4. Bimwe mu bimenyestso biranga umwana ufite ikibazo cyo kudindira mu mikurire.....	12
2.1.5. Bumwe mu buryo wakoresha ufasha umwana wadindiye mu mikurire.....	13

UMUTWE WA GATATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI MU KWITA KU BUZIMA BW'ABANA MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO.....15

3.1. Ni ryari umurezi w'Abana Bato agomba kwihutira kugeza umwana ku ivuriro?.....	15
3.2. Nakora iki mu gihe ku myaka runaka umwana nitaho adashobora gukora ibyo abandi bana banganya imyaka bashobora gukora?.....	16
3.3. Ni ryari kandi gute natanga ubutabazi bw'ibanze ku bana mu bihe no mu buryo bukurikira nitegura kumugeza ku ivuriro?.....	16
3.3. Ni ryari kandi gute natanga ubutabazi bw'ibanze ku bana mu bihe no mu buryo bukurikira nitegura kumugeza ku ivuriro?.....	17
Ibindi nkwiye kwitaho muri rusange.....	19

UMUTWE WA KANE: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU KWITA KU MIRIRE Y'ABANA.....20

4.1. Amatsinda y'ibiribwa bigize indyo yuzuye.....	20
4.2. Amatsinda y'ibiribwa bigize indyo yuzuye, akamaro kabyo n'ingaruka zo kubibura.....	21
4.3. Isahani y'umwana.....	22
4.4. Gutegura igikoma cy'abana.....	23
4.5. Inama mu guteka imboga.....	26
4.6. Ibiribwa n'ibinyobwa Abana bakwiye kugabanya no kwitondera.....	26
4.7. Inama mu kurinda abana umubyibuho ukabije.....	26
4.8. Amafunguro agenewe umwana muto ufite kuva ku myaka ibiri kuzamura.....	27
UMUTWE WA GATANU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU GUTANGA SERIVISI Z'ISUKU N'ISUKURA.....	28
5.1. Isuku n'isukura muri gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato.....	28
5.2. Amahame n'amabwiriza agenga isuku n'isukura.....	28
5.3. Intambwe zo gukaraba intoki.....	30
UMUTWE WA GATANDATU: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU GUTANGA SERIVISI ZO KURINDA NO KURENGERA UMWANA.....	32
6.1. Igisobanuro cy'ihohoterwa rikorerwa umwana.....	32
6.2. Amoko y'ihohoterwa rikorerwa abana.....	33
6.3. icyo umurezi w'Abana Bato yakora mu gihe umwana ahohotewe.....	33
UMUTWE WA KARINDWI: INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO GUTEGURA NO KUYOBORA IBIGANIRO BIGENEWE ABABYEYI.....	36
7.1. Igisobanuro cy'uburere buboneye.....	36
7.2. Uburere buboneye mu muryango n'indangagaciro z'umuco w'u Rwanda.....	37
7.3. Urutonde rw'ibiganiro bigenewe ababyeyi, igihe bitangirwa n'ababigiramo uruhare.....	37
7.3.1. Kwita kumwana no kumwerekana urukundo n'urugwiro.....	37
7.3.2. Gufasha umwana gutuza no kumuhoza.....	38
7.3.3. Gufasha umwana gukuzura ururimi no kuvuga.....	38
7.3.4. Gukina n'umwana hagamijwe ko yigira mu bikorwa bya buri munsu.....	39
7.3.5. Gutegura indyo yuzuye ku mugore utwite n'uwonsa.....	40
7.3.6. Gutegura indyo yuzuye k'umwana.....	41
7.3.7. Kwirinda no gukemura amakimbarane mu muryango.....	42
7.3.8. Uburenganzira bw'umwana.....	42
7.3.9. Uburere budahutaza umwana no kurwanya ihohoterwa rimukorerwa.....	43
7.3.10. Uruhare rw'ababyeyi bombi mu mikurire myiza y'Abana.....	44

7.3.11. Gutahura ubumuga, kwita kubana bafite ubumuga n’abandi bafite ibibazo byihariye.....	45
7.3.12. Kwita ku buzima bw’umugore utwite.....	45
7.3.13. Ubuzima buzira umuze bw’umwana.....	46
7.3.14. Akamaro ko kuboneza urubyaro.....	47
7.3.15. Uruhare rw’isuku n’isukura mu mikurire y’umwana.....	47
7.3.16. Ubutabazi bw’ibanze ku mwana ugize ikibazo.....	48
7.3.17. Uruhare rw’umubyeyi mu mikorere myiza y’urugo Mbenezamikurire	48
7.3.18. Uburyo butandukanye bwo kurera n’ingaruka bigira ku bana.....	49
7.3.19. Ishusho y’Umubyeyi wifuzwa.....	50
7.3.20. Gushaka no gukoresha neza umutungo w’urugo.....	50
7.3.21. Gukora ibikinisho.....	51
7.4. Uko ikiganiro kigenewe ababyeyi kiyoborwa.....	53
7.5. Uko ibiganiro bikurikirana muri gahunda yo kubaka ubushobozi bw’ababyeyi mu gutanga uburere buboneye.....	53
UMUTWE WA MUNANI: AMATSINDA Y’ABABYEYI MU BIKORWA BIGAMIJE	
GUKOMEZA IMITANGIRE YA SERIVISI MU BURYO BURAMBYE.....	54
8.1. Igisobanuro cy’itsinda.....	54
8.2. Akamaro k’amatsinda y’ababyeyi muri Gahunda Mbenezamikurire y’Abana Bato.....	54
8.3. Intambwe itsinda rinyuramo kuva rishinzwe kugeza risoje.....	54
8.4. Imikorere y’itsinda rifite intego.....	55
8.4.1. Uko bicara mu nama y’ itsinda.....	55
8.4.2. Uko bayobora inama y’itsinda.....	56
8.4.3. Amategeko agenga itsinda rifite intego.....	56
8.4.4. Ibaruramari mu itsinda ry’ababyeyi mu Rugo Mbenezamikurire	57
8.4.5. Kurasa ku ntego (KugAbana ubwizigame n’inyungu byabonetse).....	57
UMUTWE WA CYENDA: IBIRANGA UMUREZI N’INSHINGANO ZE MU RUGO	
MBONEZAMIKURIRE Y’ABANA BATO.....	59
9.1. Ibiranga umurezi mu Rugo Mbenezamikurire y’Abana Bato.....	59
9.2. Inshingano rusange ku barezi b’ Abana Bato.....	59
9.3. Inshingano z’ inyongera zihariye ku murezi w’ Abana Bato uhagarariye abandi.....	61
9.4. Ibindi by’ingenzi umurezi w’Abana Bato agiramo uruhare.....	62
IMIGEREKA.....	64

UMUGEREKA WA MBERE: INTAMBWE ZO KUYOBORA INAMA Y'ITSINDA RY'ABABYEYI MU KWIZIGAMA NO GUSHORA IMARI MU MISHINGA IBYARA INYUNGU	64
UMUGEREKA WA KABIRI: AMATEGEKO Y'UMWIHARIKO Y'ITSINDA RY'ABABYEYI MU KWIZIGAMA NO GUSHORA IMARI MU MISHINGA IBYARA INYUNGU	70
UMUGEREKA WA GATATU: IMBONERAHAMWE Y'IBARURAMARI MU ITSINDA RY'ABABYEYI.....	77
UMUGEREKA WA KANE: IBIGENDERWAHO MU GUTEGURA GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA BURI KWEZI NA BURI GIHEMBWE MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE	79
UMUGEREKA WA GATANU: IFISHI YA RAPORO YA BURI KWEZI KU RUGO MBONEZAMIKU-RIRE Y'ABANA BATO RUKORA MU MURYANGO	84
UMUGEREKA WA GATANDATU: ABAFATANYABIKORWA MURI GAHUNDA MBONEZAMI-KURIRE Y'ABANA BATO N'INSHINGANO Z'INGENZI ZA BURI WESE.....	87
UMUGEREKA WA KARINDWI: URUTONDE RW'IBIGANIRO BIGENEWE ABABYEYI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO	91
IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI NYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZA-MIKURIRE Y'ABAN ABATO.....	92
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO.....	94

IMPINE N'IBISOBANURO BY'AMAGAMBO YIFASHISHIJE

A. IMPINE

ADEPE	: Association pour le Development du Peuple
ECD	: Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato)
FXB-Sugira Muryango	: François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango
IEE	: Inspire Educate Empower.
IZU	: Inshuti z' Umuryango
LODA	: Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze)
MIGEPF	: Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango)
NCDA	: National Child Development Agency (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana
NESA	: National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri)
RBC	: Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima)
REB	: Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu: rushinzwe Uburezi bw'Ibanze)
RWAMREC	: Rwanda Men's Resources Center.
VUP	: Vision 2020 Umurenge Program

B. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'INGENZI

Umurezi w'Abana bato: Ni umuntu wese wita ku mwana, yaba ari uwo yabyaye cyangwa se abikora nk' akazi mu muryango n' ahandi hatari mu muryango nko mu Rugo Mbenezamikurire y'Abana Bato cyangwa ishuri ry'incuke.

Umwana: Mu mategeko y'u Rwanda, umwana ni umuntu wese kuva agisamwa ariko utaruzuzwa imyaka 18 y'amavuko.

Umwana muto: Ni umuntu wese kuva agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu.

Umubyeyi: Umugabo cyangwa umugore urera umwana yabyaye cyangwa yakiriye mu muryango mu buryo bwemewe n'amategeko y'igihugu.

Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato: Ni urugo rusanze rutuwemo cyangwa ikigo cyabugenewe abana bato baboneramo serivisi Mbenezamikurire, n' imiryango yabo igahabwa ubumenyi kandi ikubakirwa ubushobozi, mu mitangire ya serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato, hagamijwe ko Abana babo bakura neza mu nzego zose z' imukurire. Hari amoko atandukanye y' Ingo Mbenezamikurire bitewe n' aho zikorera n' imicungire yazo:

- **Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rukorera mu muryango:** Ni urugo cyangwa indi nyubako itoranywa mu mudugudu hashingiwe cyane ku mutekano w' abana, rugakoreshwa nk' ahantu ababyeyi basiga abana mu gihe bagiye mu mirimo yabo ya buri muni, abana bakaherwa serivisi Mbenezamikirire.
- **Urugo Mbenezamikirire rukorera hafi y'abaturage cyangwa rucungwa n'abaturage:** Ni inyubako zari zisanze zifite ba nyirazo cyangwa ibindi bikorerwamo, zigahindurwa ahantu Abana Bato bari hagati y'imyaka itatu n'itandatu bahererwa serivisi Mbenezamikirire. Iyo nyubako ishobora kandi kubakwa cyangwa kuvugururwa hagamijwe kuyigira urugo Mbenezamikirire rwo kuri uru rwego.
- **Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rw'icyitegererezo:** Akenshi ruba ku rwego rw' akarere, rukagira ibikorwa remezo byose bikenewe n' abakozi babyigiyeye cyangwa babihuguriye, rugamije gutanga serivisi Mbenezamikirire ku Bana Bato mu byiciro byose (kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu). Urwo rwego kandi rwa nifashishwa mu guhugura no kongerera ubushobozi abakozi, abakorerabushake cyangwa ababyeyi batanga serivisi mu Ngo Mbenezamikirire y'Abana Bato zavuzwe haruguru, kimwe n'abafatanyabikorwa muri gahunda Mbenezamikirire y' Abana Bato mu karere rukoreramo.

Ubumuga: Gutakaza ubushobozi bujyanye n'ubuzima nk'ubw'abandi biturutse ku ndwara, impanuka cyangwa izindi mpamvu.

Iminsi igihumbi ya mbere y'ubuzima bw'umwana: Ni igihe kibarwa uherye igihe umugore yasamiyeho kugeza umwana yujuje imyaka ibiri.

Kugwingira: Ni ingaruka z' imirire mibi, kurwaragurika no kutitabwaho k'umwana bituma igihagararo cye kiba gito ugereranije n'imyaka ye. Kugwingira kandi bigira ingaruka mbi ku mikurire y'umwana mu bwenge, imbamutima n' imibanire ye n'abandi.

INTANGIRIRO


Iyi nyoborabarezi “**KURA NEZA**” ni imwe mu mfashanyigisho z’abarezi Rugo Mbenezamikurire y’Abana Bato rukorera mu muryango. Yibanda ku kubaka ubushobozi bw’abarezi n’abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi Mbenezamikurire y’Abana Bato mu buryo bukomatanyije, hibandwa kuri serivisi zikurikira: *ubuzima, imirire, isuku n’isukura, kurinda no kurengera umwana hamwe na serivisi z’uburere buboneye n’iterambere ry’umuryango*. Serivisi Mbenezamikurire itagarukwaho muri iyi nyoborabarezi ni serivisi yo “*gukangura ubwonko bw’umwana (Uburezi)*” kuko yo igaruka mu yindi nyoborabarezi yitwa “**TWITEGURE ISHURI**”.

Inyoborabarezi “**KURA NEZA**” yateguwe ku buryo n’umurezi waba ufite ubushobozi buri ku rwego rwo hasi mu gusoma no kwandika yashobora kuyikoresha. Ni muri urwo rwego buri mutwe w’iyi mfashanyigisho utangirwa n’ubutumwa mu mashusho asobanura ibiza kuvugwa mu butumwa mu magambo.

Inyoborabarezi “**KURA NEZA**” irimo ubutumwa bukubiye mu mitwe icyenda (9) ikurikira:

- Umutwe wa mbere: Mbenezamikurire y’Abana Bato n’akamaro kayo
- Umutwe wa kabiri: Ibyiciro n’inzego z’imikurire y’umwana muto.
- Umutwe wa gatatu: Inama z’ingenzi zafasha umurezi mu kwita ku buzima bw’abana mu Rugo Mbenezamikurire y’Abana Bato.
- Umutwe wa kane: Inama z’ingenzi zafasha umurezi w’abana bato mu kwita ku mirire y’abana.
- Umutwe wa gatanu: Inama z’ingenzi zafasha umurezi w’abana bato mu gutanga serivisi z’isuku n’isukura.
- Umutwe wa gatandatu: Inama z’ingenzi zafasha umurezi w’abana bato mu gutanga serivisi zo kurinda no kurengera umwana.
- Umutwe wa karindwi: Inama z’ingenzi zafasha umurezi w’abana bato gutegura no kuyobora ibiganiro bigenewe ababyeyi.
- Umutwe wa munani: Amatsinda y’ababyeyi mu bikorwa bigamije gukomeza imitangire ya serivisi mu buryo burambye.
- Umutwe wa cyenda: Ibiranga umurezi n’inshingano ze mu Rugo Mbenezamikurire y’Abana Bato.

Iyi mfashanyigisho ifite kandi n’imigereka yunganira ibiba byavuzwe mu mitwe ibanza ariko bigikeneye kuzuzwa cyangwa hagamijwe koroshya ishyirwa mu bikorwa ry’ubutumwa uyikoresha yahawe.



1.1 Gahunda Mboneyamurire y'Abana Bato

Ni urusobe rwa serivisi z' uburezi (binyuze gukangura ubwonko bw'umwana), ubuzima, imirire, isuku n'isukura, kurinda no kurengera umwana; umwana ahabwa mu buryo bukomataniye kuva agisamwa kugeza afite imyaka itandatu, bigaherekezwa no kubaka ubushobozi bw'ababyeyi mu kwita ku mwana, kumuha uburere buboneye no gukangura ubwonko bwe, bigatuma akura neza mu gihagararo n'imikorere y'umubiri, mu bwenge, mu mbamutima n' imibanire n'abandi.

1.2 Inkingi za Gahunda Mboneyamurire y'Abana Bato

Inkingi ya Gahunda Mboneyamurire y'Abana Bato ni urukomatane rw'ibikorwa cyangwa serivisi zo mu rwego rumwe zihabwa umwana muto binyuze mu muryango we, ku barezi be, n'abandi bafatanyabikorwa muri Gahunda Mboneyamurire y'Abana Bato hagamijwe imikurire ye yuzuye mu gihagararo n'imikorere y'umubiri, mu bwenge, imbamutima n' imibanire n'abandi.

Inkingi za gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato ni esheshatu zikurikira:

- **Inkingi y'uburezi (gukangura umwana ubwonko no kumutegura kwiga)**

Iyi nkingi tuyisagamo ibi ibikorwa cyangwa serivisi zigamije iterambere ry'umwana mu bwenge harimo n'ururimi n'imibanire myiza ye n'abandi zikurikira:

Ku bufatanye bw'abarezi, ababyeyi n'abagize umuryango muto n'umuryango mugari muri rusange, Abana bakangurwa ubwonko binyuze mu mikino, ibikorwa bijyana no gusoma, guhanga, gukorera cyangwa guha umwana igikinisho, ikiganiro cyangwa undi mushyikirano umwana agirana n'ababyeyi be, abamurera n'ibimukikije. Ibi biba bigamije iterambere mu bwenge harimo n'ururimi, mu gihagararo n'imikorere y'umubiri, kwitoza gucunga neza imbamutima, n'imibanire myiza y'umwana n'abandi.

- **Inkingi y'ubuzima**

Iyi nkingi tuyisagamo ibikorwa cyangwa serivisi zigamije imibereho myiza y'umwana mu buryo bw'imikurire, mu mitekerereze no mu mibanire myiza ku bufatanye hagati y'ababyeyi, abajyanama b'ubuzima ikigo nderabuzima n'abandi mu buryo bukurikira:

- Abana bose bahabwa inkingo ziteganyijwe, ikinini cy' inzoka, bakavuzwa barwaye, bakishyurirwa ubwisungane mu kwivuza n'ibindi,
- Hakorwa isuzuma ngaruka kwezi rigamije kumenya no kugaragaza uko ubuzima bw'Abana buhagaze,
- Abana bafite ibibazo by'ubuzima bahuzwa n'inzego zishobora kubafasha uko bikwiye
- Abana bafite ubumuga bakorerwa ubuvugizi bugamije gutuma babona ubufasha bukwiyemurira butuma bashobora kurererwa hamwe n'abandi.

- **Inkingi y'imirire**

Iyi nkingi tuyisagamo ibikorwa cyangwa serivisi zigamije gutuma umwana abona indyo yuzuye (mu ngano n'intungamubiri zikenewe) mu buryo bukurikira:

- Abana bahabwa buri munsu igikoma cyangwa irindi funguro ryuje intungamubiri
- Ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima, ikigo nderabuzima n'izindi nzobere mu mirire:
 - Buri kwezi Abana bapimwa ibiro n'ikizigira cy'ukuboko, buri gihembwe bagapimwa uburebure, mu rwego rwo gukurikirana imikurire yabo.
 - Abarezi bakurikirana ko abana bari muri gahunda zo kondorwa ku kigo nderabuzima buhabwa inyunganiramirire bagenerwa
 - Kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye.

• Inkingi y'isuku

Iyi nkingi tuyisagamo ibikorwa cyangwa serivisi zigamije gutoza no gufasha umwana kubaho ubuzima buzira umwanda mu buryo bukurikira:

- Gutozwa kubahiriza amahame agenga y'isuku harimo gukaraba intoki, koza amenyo isuku ku mubiri, ku myambaro n'ahabakikije; koga, kumesa, gukubura, koza ibikoresho n'ibindi.
- Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato, agace ruherereyemo n'imiryango y'abana bafashwa kubona ibikorwa remezo by'amazi meza.
- Kuburyo buhoraho ababyeyi bakangurirwa kubera urugero rwiza no gufasha abana kubahiriza amahame agenga isuku.

• Inkingi yo kurinda no kurengera umwana

Iyi nkingi tuyisagamo ibi ibikorwa cyangwa serivisi zigamije gukumira icyatuma umwana afatwa nabi, atereranwa cyangwa agahura n'ihohoterwa ryaba irikorera ku mubiri, irikomereza umutima cyangwa irishingiye ku gitsina, mu buryo bukurikira:

- Gusigarana no kwita ku bana mu gihe ababyeyi bagiye mu mirimo yabo ya buri muni,
- Kugeza ku nzego zibishinzwe ibibazo by'ihohoterwa rikorerwa abana ku bufatanye n'inshuti z'umuryango,
- Gukora ubukangurambaga n'ubuvugizi aho bikenewe ku babyeyi mu rwego rwo kwandikasha abana mu bitabo by'irangamimerere mu gihe giteganywa n'itegeko.
- Ubukangurambaga no guhugura ababyeyi n'abandi ku burenganzira bw'umwana, uburere budahutaza umwana (gukosora umwana utamuhutaje) no kurerera abana ahantu hatekanye n'ibindi.

• Inkingi y'uburere buboneye n'iterambere ry'umuryango

Iyi nkingi tuyisagamo ibikorwa cyangwa serivisi zitandukanye zigamije kubaka ubushobozi bw'ababyeyi mu mibereho myiza, iterambere ry'ubukungu no kwita ku bana mu buryo bukwiyeye. Ikubiyemo ibikorwa cyangwa serivisi zikurikira:

- Ibiganiro byubaka ubushobozi bwabo mu gutanga uburere buboneye kandi budahutaza, Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda na Kirazira, ubufatanye hagati y'ababyeyi bombi mu kurera no kwigisha abana binyuze mu mikino nk'urufunguzo rwo gukangura ubwonko bwabo.
- Buri kwezi hatangwa ibiganiro bikangurira ababyeyi akamaro k'inkingo ku bagore batwite n'abana, ubwisungane mu kwivuzza, kuboneza urubyaro, gukangura ubwonko


bw'umwana na mbere y'uko umwana avuka, uburyo butandukanye bwo gutegura indyo yuzuye kandi iboneye n'ibindi.

- Ku bufatanye n'abajyanama b'ubuhinzi n'abandi bafatanyabikorwa mu buhinzi, ababyeyi b'abana barererwa mu Rugo Mbenezamikirire bakangurirwa, bigishwa kandi bagafashwa gukora umurima w'igikoni, gutera ibiti by'imbutu mu rwego rwo kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana.
- Ibiganiro n'amahugurwa bigenewe ababyeyi ku iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza, kubakangurira no kubafasha kwibumbira mu matsinda n'amakoperative yo kuzigama no gushora imari mu mishanga iciriritse, n'ibindi.


Icyitonderwa:


- *Muri rusange, umurezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato agomba gufatanyanya n'abafatanyabikorwa basanzwe bakora kuri buri nkingi kugira ngo abana babone serivisi mu buryo bwuzuye, kandi buri mwana agomba guhabwa serivisi zo muri izi nkingi zose zavuzwe haruguru. Umwana ufite ikibazo cyihariye ahabwa serivisi mu buryo bwihariye hashingiwe ku kibazo kihariye afite.*
- *Umurezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato akorana n'ubuyobozi bumwegereye mu bukungurambaga bugamije gushishikariza ababyeyi n'abaturage muri rusange kuzana abana mu Rugo Mbenezamikirire, kurushyigikira no kwitabira gahunda zarwo zitandukanye.*

1.3 Akamaro ka Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato



1.4 Ishusho y'umwana wanyuze muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato






2.1. Inzego n'ibyiciro by'imikurire y'umwana muto

2.1.1. Inzego z' imikurire

Imikurire cyangwa iterambere mu bwenge: ni urugendo rwo gukura k'ubushobozi bw'umwana mu kwiga ibintu bishya no kubisobanukirwa. Iterambere mu bwenge ku mwana rijyana no gutekereza, kumva igisobanuro cy'ibyo abona cyangwa yumva, kwita ku bintu, gufata mu mutwe, gukemura ibibazo, kunguka amagambo mashya no kuvuga.



Imikurire cyangwa iterambere mu gihagararo n'imikorere y'umubiri: Ni impinduka zo mu mubiri zijyana no gukura mu gihagararo, kwiyongera kw'imbaraga z'umubiri, imikorere myiza y'ibyumviro no kwisanisha neza n'aho ari (gukora igikenewe kugira ngo ahabe adahuye n'ikibazo), bikajyana kandi n'iterambere ry'imiyego mito (ibi bijyana n'imikorere y'intoki n'uburyo zifata icyo amaso abona) n'imiyego minini ituma imikaya y'amaboko, iy'amaguru n'iy'igihimba ikora, bigaragara cyane ku buryo umwana agenda, yiruka, ahagarara akora ibikorwa bitandukanye akoresheje amaboko, amaguru n'igihimba.


Imikurire cyangwa iterambere mu mbamutima n'imibanire n'abandi: Ni urugendo rw'iterambere mu buryo umwana agenda yiga kubana neza n'abandi, agasobanukirwa kandi akagaragaza amarangamutima ye mu buryo butabangamira abandi.

2.1.2. Ibyiciro by'imikurire y'umwana


❖ **Umwana ukiri munda:** Kuva umwana asamwe kugeza avutse




❖ **Ikibondo:** Umwana ukivuka kugeza yujuje umwaka 1



❖ **Igitambambuga:** Umwana ufite kuva ku mwaka umwe (1) kugera ku myaka itatu(3).



❖ **Incuke:** Umwana ufite kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itandatu (6).



2.1.3. Bimwe mu biranga ubushobozi bw'umwana mu byiciro bitandukanye by'imikurire

UMWANA UKIRI MU NDA

Imikurire mu bwenge cyangwa gusobanukirwa

Guhera ku cyumweru cya gatatu, ingirangingo z'ubwonko bw'umwana zitangira kwegera na no gukorana bigafasha umwana kwiga kugaragaza ibyiyumviro, kwinyeganyeza n'ibindi.

Imikurire mu gihagararo n'imikorere y'umubiri

Hagati y'icyumweru cya gatatu n'icya gatatu, igice kizavamo ubwonko gitangira kwirema. Mbere y'uko icyumweru cya 6 kirangira, ibice byose by'umubiri biba byamaze kwirema. Inda ironka (umwana aba akina mu nda). Avuka afite uburebure hagati ya cm 48-53; n'ibiro hagati ya 3-4.

Imikurire cyangwa iterambere mu mbamutima n'imibanire n'abandi

Ku byumweru 24 atangira kumva amajwi, indirimbo n'umuziki agatera akageri cyangwa akinyega-nyeza mu nda. Iyo umubyeyi ahangayitse bizamura umuvuduko w'amaraso n'ugutera k'umutima w'umwana.

IKIBONDO

Imikurire mu bwenge cyangwa gusobanukirwa

Ku mezi abiri: atangira gukurikiza ibintu amaso no kumenya abantu bakiri kure; atangira kurekura amajwi atandukanye akoresheje akanwa.

Ku mezi atandatu: arahindukira akitegereza ibintu bimwegereye (inyota yo kwiga); amena ko izina rye rihamagawe, agahindukira.

Ku mezi icyenda agerageza gushakisha ibintu yabonye umuhisha.

Ku mezi cumi n'abiri: atangira gukoresha ibintu neza (kunyweshwa igikombe, gusokoza, n'ibindi); yumva kandi agakurikiza amabwiriza yoroheje nka 'toragura umupira.' Agerageza kuvuga amagambo abantu bakuru bakoresha..

Imikurire mu gihagararo n'imikorere y'umubiri

Ku mezi abiri: abasha gushinga ijosi no kweguka igihe aryamye yubitse inda; atangira kunyeganyeza amaguru n'amaboko buhoro

Ku mezi atandatu: atangira kwimura ibintu abivana mu kiganza kimwe akabishyira mu kindi; ashobora kwicara yishingikirije (yegamye) ku kintu

Ku mezi icyenda abasha guhagarara afashe ku kintu, amena kwiyicaza nta kimushyigikiye, arakambakamba

Ku mezi cumi n'abiri afata ku bintu akihagurutsa akanagenda yaba afashe ku bintu cyangwa ntacyafashe

Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi

Ku mezi abiri: atangira gusekera abantu, atega amatwi iyo yumvise ijwi rinyura umutima nk'iryo mu muziki.

Ku mezi atandatu: aba azi abantu bamenyeranye akabatandukanya n'abashya atazi, akunda kwireba mu ndorerwamo

Ku mezi icyenda: ashobora gutinya abantu atamenyerereye, agira ibikinisho akunda kurusha ibindi, ashobora kwizirika cyane ku bantu amenyerereye

Ku mezi cumi n'abiri ashobora kutisanzurana n'abantu atamenyerereye, iyo ababyeyi be bamusize arababara, akaba yanarira, agira ibintu n'abantu akunda by'umwihariko.

IGITAMBAMBUGA

Imikurire mu bwenge cyangwa gusobanukirwa

Ku mezi 18 aba azi umumaro w'ibintu bikunze kuboneka mu rugo nk'ibiyiko, telefoni, isahani n'ibindi. Ashobora kwan-dika ashwaratura

Ku myaka ibiri avumbura ibintu wamuhishe n'aho waba wabitwikiriye. amenya gutandukanya ibinyampande n'amabara. Yuzuza interuro uri kumu-somera mu gitabo. Ashobora kuvuga amazina y'ibiri mu gitabo cyamashusho nk'inka, injangwe n'ibindi

Ku myaka itatu ashobora gukina imikino nkarishyabwenge isaba guhuza ibice by'ikintu kimwe bitatu (3) kugeza kuri bine (4). Ashobora gukoporora uruziga n'ikaramu y'igiti. Ashobora kurambura igitabo ahinduranya paji ku yindi.

Imikurire mu gihagararo n'imikorere y'umubiri

Ku mezi cumi n'umunani ashobora kugenda bisanzwe no kwiruka. Ashobora gucunga igikinisho akurura cyangwa asunika

Ku myaka ibiri ashobora gutera ishoti no kwiruka. Yurira ibintu biri mu nzu ntawe umufashije. Ashobora kurira ingazi afite ikintu afasheho. Ashobora guca cyangwa gukoporora uruziga n'umurongo ugororotse

Ku myaka itatu ashobora kurira ibintu. Ashobora kwiruka ku buryo bworoshye. Ashobora kunyonga akagare k'amapine atatu

Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi

Ku mezi cumi n'umunani ashobora gutinya abantu atamenyereye. Akina imikino yigana Urugero: kwita ku gipupe cye nkuko bita kumwana (kugaburira igipupe nkuko bagaburira umwana) .

Ku myaka ibiri yigana ibyo abandi bakora cyane cyane abantu bakuru ashaka kwisanisha nabo. Yishimira kuba kumwe n'abandi bana. Ushobora kumubwira ikintu agakora igitandukanye n'icyo umubwiye, kugira ngo arebe uko ubyifatamo. Akina imikino ye wenyine, ariko akanyuzamo agakina n'imikino imuhuza n'abandi nko kwihishanya.

Ku myaka itatu yigana ibyo abakuru n'inshuti ze zikora mu kwisanisha nabo. Yemera guha abandi umwanya mu mikino isaba gusimburana.

INCUKE

Imikurire mu bwenge

- ✓ Kuvuga neza ku buryo buri wese yumva neza icyo avuze.
- ✓ Aba azi amabara n'imibare.
- ✓ Atangira kumva ibijyana n'igihe
- ✓ Asobanukirwa isano n' itandukaniro hagati y'ibintu.
- ✓ Atangira kwandukura inyuguti zanditse mu cyapa
- ✓ Ushobora kumubarira inkuru ukay-ihagarikamo hagati, ukamubaza ibiza gukurikiraho, agahera ku byo wamubwiye akavumbura ibishobora gukurikiraho mu nkuru.

Imikurire mu gihagararo n'imikorere y'umubiri

- ✓ Ashobora kwiruka, kurira (ibintu n'ahantu hatandukanye) no kunyonga akagare k'amapine atatu.
- ✓ Ashobora kurira no kumanuka ingazi zo ku nzu neza
- ✓ Ashobora gusimbuka no guhagara ku kuguru kumwe mu gihe cy'amasegonda abiri (2).
- ✓ Ashobora kwiyarurira ibyo kurya akarya
- ✓ Ashobora gusiga amarangi no kwigana kwandika

Imikurire mu mbamutima n'imibanire n'abandi

- ✓ Rimwe na rimwe bakina imikino isaba ubufatanye hagati yabo.
- ✓ Bishimira gukina imikino yigana bifashishije ibikinisho byabugenewe.
- ✓ Urugero: Guheka umwana yifashishije igipupe cy'umwana cyangwa umwanana w'igitoki, kwigana gutelefona akoresheje agati gato k'igiti kabaje.
- ✓ Bishimira kwigana ibyo abakuru barimo bakora no kubibafashamo. Urugero niba asanze uhata ibirayi yishimira kugufasha.

2.1.4. Bimwe mu bimenyestso biranga umwana ufite ikibazo cyo kudindira mu mikurire

Umwana ukiri mu nda

- ✓ Kudindira mu mikurire ku mwana ukiri mu nda, bigaragazwa n'umuganga w'inzobere akoresheje ikoranabuhanga ryabugenewe.

Igitambambuga

- ✓ Ntashobora gufata ikintu gito akoresheje igikumwe na Mukubita rukoko.
- ✓ Ntashobora kugenda.
- ✓ Ntashobora gukurikiza amabwiriza yoroshye, nka "hereza mama" n'ayandi.
- ✓ Ntashobora gushwaratura ku rupapuro n' ikaramu.

Incuke

- ✓ Ntashobora gusobanurirwa amabara n'ibinyampande.
- ✓ Kujyana ibiganza ngo afate neza icyo abona biramugora.
- ✓ Gushwaratura ku rupapuro biramugora
- ✓ Nta bushake bwo gukina imikino isaba ubufatanye n'imikino yigana (nko guheka abana akoresheje igipupe)
- ✓ Ubona atitaye ku bandi bana cyangwa yihorera umubajije ikibazo mu gihe batamenyeranye.
- ✓ Umwambika yanga, ukamuryamisha yanga, kandi wamwigisha gukoresha ubwiherero uko bumeze kose ntabishobore.
- ✓ Ntabasha gukurikiza amabwiriza aza mu ntambwe eshatu. Urugero: karaba intoki, ufate igikoma ku meza, unywe.
- ✓ Ntiyumva igisobanuro cyo kuvuga ko ibintu bisa cyangwa kuvuga ko bitandukanye.
- ✓ Kuba yahugira ku kintu ngo akiteho biramugora.
- ✓ Kugenzura amarangamutima ye biramugora. tura ku rupapuro n' ikaramu.

2.1.5. Bumwe mu buryo wakoresha ufasha umwana wadindiye mu mikurire

Umwana wadindiye mu bwenge cyangwa gusobanukirwa

- ✓ Muririmbire, umushishikarize kurimbana nawe
 - ✓ Mutoze gukora ibinyampande bitandukanye no gutandukanya amabara.
 - ✓ Mubaze ibibazo agusubize.
 - ✓ Mujyane ahari amatungo atandukanye, ayabone kandi yumve uko avuga, umubwire ibyo ari byo
 - ✓ Mwerekere kandi umufashe kumenya inyunguti
 - ✓ Mutoze kubara ibintu bitandukanye
- Mutembereze ahantu hatandukanye hari ibintu ubona ko yakwishimira kureba

Abana bafite imbogamizi mu kuvuga

- ✓ Koresha ibitabo bifite amashusho n'amafoto y'ibintu bifitanye isano n'ibikoresho biboneka mu rugo umufashe kubivuga asubiramo.
 - ✓ Mushishikarize gusubiramo inkuru cyangwa ibyamubayeho
 - ✓ Mubwire (mubarire) inkuru uyihagarikire hagati, maze umusabe gutekereza no kuvuga ibiza gukurikiraho muri iyo nkuru, ashingiye aho mugeze.
 - ✓ Mukinishe imikino imusaba kwibuka (ibyo yabonye) nko kumwerekere amakarita warangiza ukayubika areba, ukamubaza aho ikarita runaka wubitse iri, ayivumbure.
 - ✓ Ushobora gusaba umwana gukora igikorwa gituma akenera kubaza (kugusobanuzwa) uko akomeza kugikora.
- Tuma umwana ku bandi bantu, baba abavandimwe, umurezi, ababyeyi n'abandi. Ibi bimuha amahirwe yo kwiyubakamo icyizere no gukoresha ururimi


Umwana wadindiye mu miyego minini

- ✓ Mumutembereze mugenda bisanzwe, mwihuta, mwiruka, musimbuke, mubyine, afunge anafungure imashini y’imyenda, n’indi myitozo y’amaguru n’am-aboko
- ✓ Mufashe kuzamuka no kumanuka ingazi
- ✓ Asimbukire ku kaguru kamwe
- ✓ Atware igare ryabugenewe mu gutoza no kunanura ingingo (mu gihe riboneka)
- ✓ Muterere umupira awusamire mu gatuza n’intoki



Umwana wadindiye mu miyego mito

- ✓ Yambare anakuremo imyenda yoroheje (ikabutura, umupira).
- ✓ Afungure anafunge imashini z’imyenda, ibipesu bito n’imishu-mi y’inkweto
- ✓ Yigaburire nta muntu umufashije.
- ✓ Akoreshe umukasi akata impapuro akinisha ariko muri kumwe.
- ✓ Ca umurongo utambitse n’uruziga, umusabe kubisubiramo
- ✓ Yandukure mpandeshatu, umusaraba, n’inyuguti zimwe na zimwe
- ✓ Yandukure imibare imwe n’imwe n’amagambo yoroheje.
- ✓ Ashushanye umuntu, ufite ibice bitandukanye bigaragara





3.1. Ni ryari umurezi w'abana bato agomba kwihutira kugeza umwana ku ivuriro?

- ❖ Umurezi w'abana bato agomba kwihutira kugeza umwana kwa muganga mu gihe umwana agaragaje kimwe mu bimenyetso mpuruza bikurikira:



1. Umuriro mwinshi



2. Kwituma kenshi umusarani urekuye mu isaha imwe (Impiswi)



3. Kuruka

❖ **Ibindi bimenyetso mpuruza**

- ✓ Kugagara
- ✓ Kwituma amaraso
- ✓ Kuva cyane, amaraso adahagarara
- ✓ Amaso yahenengeye
- ✓ Gucika intege
- ✓ Kugira inyota cyane
- ✓ Kwanga kunywa
- ✓ kwanga kurya



3.2. Nakora iki mu gihe ku myaka runaka umwana nitaho adashobora gukora ibyo abandi bana banganya imyaka bashobora gukora?



- ✓ Nagisha inama impuguke ngana ivuriro rinyegereye cyangwa ikindi kigo gifasha abana badindiye mu mikurire ku bufatanye n' umubyeyi n'umujyanama w'ubuzima.
- ✓ Icyo kibazo cyaba gifite aho gihuriye n'idindira mu mikurire, ngakomeza gukoresha umwana imyitoto ifasha abana bafite ikibazo cy'idindira mu mikurire uko yagaragajwe mu mutwe wa kabiri w'iyi mfashanyigisho.
- ✓ Hamwe n'izindi nama zihariye zatanzwe n'impuguke negereye. Ibi kandi nkabikora ku bufatanye n'umubyeyi w'umwana.

3.3. Ni ryari kandi gute natanga ubutabazi bw'ibanze ku bana mu bihe no mu buryo bukurikira nitegura kumugeza ku ivuriro?

No	Ikibazo	Icyakorwa	Icyongerwaho
1.	Igihe umwana yakomeretse	Guhagarika kuva hifashishijwe ibikoresho byo mu gasanduku k'ubutabazi. 	Urugo Mbonezamikurire rugomba gukorana n'ikigo nderabuzima n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo abarezi bahugurwe ku mikoreshereze kandi babone agasanduku k'ubutabazi bw'ibanze.
2	Igihe umwana ari kuva imyuna	Guhagarika kuva hifashishijwe ibikoresho byo mu gasanduku k'ubutabazi. 	Urugo Mbonezamikurire rugomba gukorana n'ikigo nderabuzima n'abandi bafatanyabikorwa kugirango abarezi bahugurwe ku mikoreshereze kandi babone agasanduku k'ubutabazi bw'ibanze.
3.	Ikibazo cy'indwara y'igicuri	Gushyira mu bikorwa ingamba zo gufasha Abana baba bafite ibibazo byihariye (Baza umujyanama w'ubuzima cyangwa ikigo nderabuzima kikwegereye).	Umurezi w'Abana Bato agomba no gufasha umubyeyi kumenya izi ngamba kugirango abe yafasha umwana we mu gihe ikibazo kibereye mu muryango.

4.	Igihe umwana afite umuriro udasanzwe	 <p>Gukoza agatambaro mu mazi akonje ukamukoza ku bice by'umubiri bitandukanye uherye mu mutwe. Kwirinda kumworosa no kumwambika imyenda ifite umubiri munini Byaba bikabije ukanamukuramo imyenda ukamworosa akantu koroshye.</p>	Kwihutira kumujyana ku mujyanama w'ubuzima cyangwa ku kigo nderabuzima.
5.	Igihe umwana yakinaga n'abandi akavunika	Gufasha umwana kutanyeganyeza urungo rufite ikibazo hifashishijwe igitambaro cyabugenewe kiba kiri mu gasanduku k'ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze (bande/bandage).	Kwihutira kumujyana ku mujyanama w'ubuzima cyangwa ku kigo nderabuzima.
6.	Igihe umwana ariye maze ibyo yariye bikayoba cyangwa bikamuniga	<ul style="list-style-type: none"> Saba umwana gukomeza gukorora no gusohora umwuka kugirango icyamunize cyangwa cyayobye gisohoke  <ul style="list-style-type: none"> Ntugerageze gukozamo intoki kuko ushobora kugisunika kurushaho 	Bimenyeshe umujyanama w'ubuzima kandi mwihutire kugeza umwana ku kigo nderabuzima


3.4 Ibindi nkwiye kwitaho muri rusange

- ✓ Kugira nimeru za telefoni z'ingenzi nakwifashishwa ntabariza buri mwana zirimo: nomero z'ababyeyi, iy'umujoyanama w'ubuzima, "Isange One Stop center" y'ibitaro by'akarere, iy'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA: 711), iya polisi y'igihugu:112.
- ✓ Kumenya aho buri mwana atuye, kugira amakuru ku bibazo buri mwana akunda kugira mu buryo butunguranye no kumenya ikibazo kihariye umwana yaba afite mu buryo buhoraho n'imiti n'uko afashwa.
- ✓ Kwirinda gusiga abana bonyine.
- ✓ Kugira ubumenyi ku butabazi bw'ibanze no gukorana n'umujoyanama w'ubuzima n'ikigo nderabuzima kikwegereye.
- ✓ Gutanga raporo ku kibazo cyabaye ku mwana ku buyobozi bw'umudugudu kugira amazi asukuye ashobora kwifashishwa mu bikorwa by'ubutabazi bw'ibanze nk'uko aba akenewe no kunyobwa n'abana.

UMUTWE WA 4


INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI W'ABANA BATO MU KWITA KU MIRIRE Y'ABANA


4.1. Amatsinda y'ibiribwa bigize indyo yuzuye



Ibigize indyo yuzuye: Indyo yuzuye ni indyo yateguwe hakoreshejwe ibiribwa bituruka mu matsinda y'ibiribwa uko ari atandatu. Ugomba kuba wizeye ko mu gihe cy'umunsi wose umwana yabonye byibuze ikiribwa kimwe gituruka muri buri tsinda.



4.2. Amatsinda y'ibiribwa bigize indyo yuzuye, akamaro kabyo n'ingaruka zo kubibura

No	AMATSINDA Y'IBIRIBWA	INGERO	AKAMARO KABYO	INGARUKA ZO KUBIBURA
1	IBINYAMAFUFU 	<ul style="list-style-type: none"> • Ibirayi • Ibijumba • Imyumbati • Ibitoki • Amateke • Ibigori • Amasaka • Umuceri 	Bituma umubiri ubona imbaraga ukeneye kugira ngo tubashe gukora ibintu bitandukanye.	<ul style="list-style-type: none"> • Gucika intege z'umubiri. • Kugira imbeho igihe cyose
2	IBINYAMAVUTA 	<ul style="list-style-type: none"> • Ubuto • Amamesa • Amavuta y'inika 	Amavuta akomoka ku bihingwa no ku matungo. Ibinure, bituma umubiri ugira imbaraga n'ubushyuhe. Biryoshya ibiryo, cyakora iyo bibaye byinshi mu mubiri bishobora gutera indwara z'umutima.	
3	IBINYAMISOGWE 	<ul style="list-style-type: none"> • Ibishyimbo • Amashaza • Ubunyobwa • Soya • Inkori 	Byubaka ingirangingo fatizo z'umubiri nk'imikaya, amagufa n'amenyo	<ul style="list-style-type: none"> • Kudakura neza • Gutinda gukira kw'igikomere. • Kugira ibibazo mu igogora, kwikanya kw'imikaya, kuvura kw'amaraso n'ibindi
4	IBIKOMOKA KU MATUNGO 	<ul style="list-style-type: none"> • Amata • Amagi • Indagara • Inyama • Amafi 	Byubaka ingirabuzima fatizo z'umubiri nk'imikaya, amagufa n'amenyo	

5.	<p style="text-align: center;">IMBOGA</p> 	<ul style="list-style-type: none"> • Karoti • Dodo • Isombe • Amashu • Intoryi • Inyanya • Umushogoro • Ibisusa 	<p>Zitanga intungamubiri umubiri ukeneye kugira ngo ukore neza.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kurwaragurika • Guhora unaniwe (nubwo bishobora guterwa n'ibindi bintu bitandukanye) • Guhora ubabara umugongo n'amagufa
6	<p style="text-align: center;">IMBUTO</p> 	<ul style="list-style-type: none"> • Avoka • Umuneke • Ibinyomoro • Amapera • Inanasi 	<p>Zitanga intungamubiri umubiri ukeneye kugira ngo ukore neza.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Indwara z'amagufa zitandukanye • Ibibazo by'uruhu • Kugira ibiro byinshi. • Gukira kw'ibikomere biratinda cyane • Gupfuka imisatsi • Agahinda gakabije • Kubabara imikaya • Kumva ibinya mu ntoki no mu birenge • Gutakaza ubushake bwo kurya

4.3. Isahani y'umwana

Isahani y'umwana igomba kuba iriho ibiribwa byo mu matsinda atandatu agize indyo yuzuye mu buryo bukurikira:



4.4. Gutegura igikoma cy'Abana

Ifu yose ikoreshwa mu gutegura igikoma cy'umwana igomba kuba ituruka nibura mu matsinda abiri y'ibiribwa bikurikira: **Ibinyampeke n'ibinyamisogwe.**

Urugero:

- Ibigori na soya
- Amasaka na soya
- Uburo na soya
- Ingano na soya
- Amasaka n'ibishyimbo
- Ibigori n'ubunyobwa

❖ Uburyo butandukanye bwo gutegura igikoma cy'Abana

● Igikoma cy'amasaka na Soya

Kugirango ntegure igikoma cy'Abana 15 barererwa mu rugo Mbenezamikirire , nzakenera ibipimo bikurikira:

- Ifu y'amasaka: mu gipimo gihwanye n'ibiyiko mirongo ine na bitanu (45)
- Ifu ya soya ikaranze: mu gipimo gihwanye n'ibiyiko cumi na bitanu (15)
- Amazi litiro zirindwi n'igice (7.5L), cyangwa ibikombe 15, kimwe gipima ½ cya litiro
- Mu rwego rwo kongerera iki gikoma intungamubiri, nongeramo isukari ibiyiko mirongo itatu (30) n'amavuta y'ubuto ibiyiko 15 igikoma gitangiye kubira.



Icyitonderwa: Mu gihe Urugo Mbenezamikirire y'Abana Bato rufite umubare w'abana uri munsu cyangwa hejuru ya cumi na bitanu, ruzifashisha amakuru akurikira aaryana n'ibikenewe mu gutegura igikoma ku mwana umwe, ahuzwe n'umubare w'abana Urugo Mbenezamikirire rufite, bakuba n'umubare w'abana. Mu gutegura igikoma cy'umwana umwe hakenerwa ibi bikurikira:

- Ifu y'amasaka: ibiyiko 3
- Ifu ya soya ikaranze: ibiyiko 1,
- Amazi: Igice cya litiro cyangwa mu gikombe kingana na ½ cya litiro

- **Igikoma cy'uruvange rw'amafu (SOSOMA)**

Mu gutegura uruvange rw'aya mafu (amasaka, ibigori na soya), amasaka n'ibigori biba bingana, naho soya ikangana na kimwe cya gatatu cy'igipimo wakoresheje kw'ifu y'ibigori cyangwa amasaka.

Kugirango ntegure igikoma cy'abana 15 barererwa mu Rugo Mbenezamukurire hazakenerwa ibi bikurikira:

- Ifu y'amasaka, mu gipimo gihwanye n'ibiyiko 22,5
- Ifu y'amasaka, mu gipimo gihwanye n'ibiyiko 22,5
- Ifu ya soya ikaranze: mu gipimo gihwanye n'ibiyiko 7,5
- Amazi litiro zirindwi n'igice (7.5L) cyangwa ibikombe 15 bya ml 500 byuzuye.
- *Mu rwego rwo kongerera iki gikoma intungamubiri, nongeramo isukari ibiyiko cumi na bitanu (15) n'amavuta y'ubuto ibiyiko 7,5, igikoma gitangiye kubira.*




Icyitonderwa: *Mu gihe Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rufite umubare w'abana uri munsu cyangwa hejuru ya cumi na bitanu, ruzifashisha amakuru akurikira ajyana n'ibikenewe mu gutegura igikoma ku mwana umwe, ahuzwe n'umubare w'abana Urugo Mbenezamukurire rufite, bakuba n'umubare w'abana. Mu gutegura igikoma cy'umwana umwe hakenerwa ibi bikurikira:*

- Ifu y'ibigori ibiyiko 1.5
- Ifu y'amasaka ibiyiko 1.5
- Ifu ya soya: igice cy'ikiyiko (½)
- Amazi igice cya litiro cyangwa mu gikombe gipima ½ cya litiro cyangwa nusu litiro)

- **Igikoma cy'ifu y'amasaka kirimo amata y'inka**

- Kugirango ntegure igikoma cy'Abana 15 barererwa mu Rugo Mbenezamukurire hazakenerwa ibipimo bikurikira:
- Amata y'inka angana na litiro ebyiri (2) cyangwa ibikombe bine (4), kimwe gipima ½ cya litiro cyangwa nusu litiro (500 ml)
- Amazi: litiro 7,5 cyangwa ibikombe cumi na bitanu (15), kimwe gipima ½ cya litiro cyangwa nusu litiro (500 ml)
- Ifu y'amasaka mu gipimo kingana n'ibiyiko 38



Uko bitegurwa:

- Mfata ya mata nkavanga n'ifu bikanoga; narangiza nkabivanga n'igikombe cy'amazi gipima $\frac{1}{2}$ cya litiro (500 ml) mu ijage cyangwa isafuriya nateguye, bikanoga neza; ngacanira ya mazi yasigaye kuri za litiro zirindwi n'igice (7.5L) zavuzwe haruguru, yabira nkongeramo rwa ruvange rw'amata, ifu n'amazi nakoze mbere, ngashigisha kugeza bibize bihagije.
- Mu rwego rwo kongerera iki gikoma intungamubiri, nongeramo isukari (ibiyiko 15), n'amavuta angana n'ibiyiko birindwi n'igice (7.5) bitangiye kubira.

Icyitonderwa: Mu gihe Urugo Mbenezamukuriye y'Abana Bato rufite umubare w'abana uri muni cyangwa hejuru ya cumi na batanu, ruzifashisha amakuru akurikira ajoyana n'ibikenewe mu gutegura igikoma ku mwana umwe, ahuzwe n'umubare w'abana Urugo Mbenezamukuriye rufite, bakuba n'umubare w'abana. Mu gutegura igikoma cy'umwana umwe hakenerwa ibi bikurikira:

- Amata y'inka angana na kimwe $\frac{1}{4}$ cya nusu litiro (bigana na 125 ml)
 - Amazi angana na $\frac{1}{2}$ cya nusu litiro (250 ml)
 - Ifu y'amasaka: Ibiyiko bibiri (2)
- **Igikoma cy'ifu y'ibigori kirimo amata y'inka**
- Kugirango ntegure igikoma cy'Abana 15 barerera mu Rugo Mbenezamukuriye hazakenerwa ibipimo bikurikira:
 - Amata y'inka angana na litiro 2 cyangwa ibikombe bine (4), kimwe gipima $\frac{1}{2}$ cya litiro cyangwa nusu litiro (500 ml)
 - Amazi angana na litiro 7,5 cyangwa ibikombe cumi na bitanu (15), kimwe gipima $\frac{1}{2}$ cya litiro cyangwa nusu litiro (500 ml)
 - Ifu y'ibigori mu gipimo kingana n'ibiyiko 30
 - Uburyo bwo gutegura iki gikoma busa n'ubwo gutegura igikoma cy'amasaka kirimo amata y'inka.
 - Mu rwego rwo kongerera iki gikoma intungamubiri, nongeramo isukari (ibiyiko 15), n'amavuta angana n'ibiyiko birindwi n'igice (7.5) igihe igikoma gitangiye kubira



Icyitonderwa: mu gihe Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato rufite umubare w'abana uri munsu cyangwa hejuru ya cumi na batanu, ruzifashisha amakuru akurikira ajyana n'ibikenewe mu gutegura igikoma ku mwana umwe, ahuzwe n'umubare w'abana Urugo Mbenezamikurire rufite, bakuba n'umubare w'abana. Mu gutegura igikoma cy'umwana umwe hakenerwa ibi bikurikira:

- Amata y'inka angana na kimwe $\frac{1}{4}$ cya nusu litiro (bigana na 125 ml)
- Amazi angana na $\frac{1}{2}$ cya nusu litiro (250 ml)
- Ifu y'amasaka: Ibiyiko bibiri (2)

4.5. Inama mu guteka imboga


- Imboga zongerwa mu biryo habura iminota mike ngo bishye. Ntizigomba gushya cyane kugirango vitamini zirimo zitangirika.
- Imboga zikatwa zamaze kurongwa

4.6. Ibiribwa n'ibinyobwa Abana bakwiye kugabanya no kwitondera

- Imboga zirongwa gusa igihe zigiyeye guhita zitekwa. Kuko iyo zitinze mu mazi zigasoma, ukamara umwanya utaraziteka zikomeza gutakaza vitamini aho wazishyize.

Ibiribwa n'ibinyobwa bikurikira ni bimwe mu bitera umubyibuho ukabije n'indwara zitandukanye:

- Ibisuguti
- Imigati/amandazi/Keke
- Fanta cyangwa imitobe yatunganyirijwe mu nganda
- Marigarine
- Mayoneze



4.7. Inama mu kurinda abana umubyibuho ukabije

- Ha umwana igi mu mwanya w'umugati cyangwa irindazi.
- Ha umwana amata cyangwa igikoma mu mwanya wa fanta cyangwa umutobe wo mu ruganda.

4.8. Amafunguro agenewe umwana muto ufite kuva ku myaka ibiri kuzamura

Kugirango umubiri w'umwana ubone ibyo ukeneye byose ku rugero rukwiriye ngo akure neza hakenerwa:

- Amafunguro manini gatatu ku munsu.
- Amafunguro mato kabiri ku munsu.

Aya mafunguro umwana ayahabwa mu buryo bukurikira:

Amasaha	Mu gitondo	Saa yine	Saa sita	Saa cyenda	Nimugoroba
Ifunguro rito					
Ifunguro rinini					

Icyitonderwa: *Ni ngombwa guhindurira umwana ibiribwa agaburirwa kugira ngo atabirambirwa.*

5.1. Isuku n'isukura muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato

- **Isuku:** ni imigirire n'ingero nziza zigamije gutoza no gufasha umwana kubahiriza amahame agenga isuku.
- **Isukura:** Ni ibikorwa byose bigamije gutuma aho tuba cyangwa dukorera hahora isuku, kandi hakaba heza ku buzima bw' abantu. Ibi bikorwa binyuze mu gushyiraho uburyo no gutunganya inzira ziyobora imyanda ahabugenewe, no kugeza amazi asukuye aho abantu baba cyangwa bakorera.

5.2. Amahame n'amabwiriza agenga isuku


Kugira isuku yo mu rugo n'aho bashyira imyanda




Kugira kandagirukarabe cyangwa urundi rukarabiro



Kugira amazi meza yo gukoresha




Kugira ubwiherero busukuye



Kunywa amazi meza asukuye




Kugira agatanda ko kwanikaho masahani



Gukaraba intoki mu bihe byose by'ingenzi ku isuku y'intoki



Kugira isuku y'ibiribwa



5.3. Intambwe zo gukaraba intoki

- Tosa intoki wifashishijwe amazi meza atemba
- Isige isabuni ku ntoki zitose
- Kuba mu biganza, inyuma y'intoki, hagati y'intoki no mu nzara ukuremo imyanda irimo
- Komeza ukureho imyanda (hagati y'amasegonda mirongo ine (40sec) n'umunota umwe (1min)
- Koresha amazi meza kugeza ubwo ubona ko intoki zicyeye
- Umutsa intoki uzizunguza kugirango amazi ashireho



UMUTWE WA 6

INAMA Z'INGENZI ZAFASHA UMUREZI
W'ABANA BATO MU GUTANGA SERIVISI
ZO KURINDA NO KURENGERA UMWANA



6.1. Igisobanuro cy'ihohoterwa rikorerwa umwana

Ihohoterwa rikorewe umwana: ni igihe umubyeyi, umurezi w'Abana cyangwa undi muntu, akoreye umwana igikorwa kitubahiriza uburenganzira bwe, bigatuma umwana akomereka, ahungAbana cyangwa apfa.

6.2 Amoko y'ihohoterwa rikorerwa Abana




Ihohoterwa ribabaza umubiri



Ihohoterwa rikomeretsa umutima



Kutita ku mwana/gutererana umwana



Ihohoterwa rishingiye ku gitsina

- ***Ihohoterwa ribabaza umubiri:*** Ni igihe umwana ababajwe, yangijwe ibice by'umubiri cyangwa agakomerestwa bidatewe n'impanuka. Urugero: biturutse ku gukubitwa inkoni cyangwa umunyafu.
- ***Ihohoterwa rikomeretsa umutima:*** ni igihe umwana akorewe ibikorwa bihungabanya iterambere rye mumbamutima, ubwenge cyangwa imibanire n'abandi. Urugero: Gutuka umwana, kuvuma, kumuhimba amazina mabi n'ibindi.
- ***Kutita ku mwana cyangwa gutererana umwana:*** Ni igihe umwana adahabwa iby'ingenzi akenera mu buzima bikagira ingaruka mbi mu mikurire ye. Urugero: kwimwa ibiryo, kutajyanwa ku ishuri, kwimwa imyambaro n'ibindi.
- ***Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:*** Ni igihe umuntu mukuru cyangwa umwana akoresheje imbaraga, ubushobozi afite, ibishuko cyangwa amayeri agakoresha umwana imibonano mpuzabitsina cyangwa ibindi bikorwa bifite aho bihuriye n'ishimisha mubiri rishingiye ku gitsina.


6.3 icyo umurezi w'Abana Bato yakora mu gihe umwana ahohotewe

Reba inama zagaragajwe mu mbonerahamwe ikurikira:


Imbonerahamwe igaragaza ingero z'ihohoterwa rikorerwa Abana n'inzira yo gutanga raporo cyangwa gusaba ubufasha

IKIBAZO	URWEGO RWA 1	URWEGO RWA 2	URWEGO RWA 3
1. Gusambanya umwana	RIB	Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu kagali no kumenyesha inshuti y'umuryango muri uwo mudugudu	-
• Gukubita no gukomeretsa umwana bikabijye	Isange one Stop Center	-	-
• Gutererana umwana (umubyeyi we)	RIB	Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu kagali	-
3. Umwana utitabwaho n'umubyeyi we cyangwa umurera (ku mwicisha inzara ku bushake, ku muraza hanze, kumwirukana mu rugo, ku muhoza ku nkeke, kutavuzwa mu gihe arwaye, Umwana ujyanwa gusabiriza n'umubyeyi we, umwana ukora akazi ko mu rugo)	Isange one stop Center	-	-
	Inshuti y'umuryango n'inzego z'Ubuyobozi	Kubimenyesha ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana uhamagara kuri: 711	-
	Inshuti y'umuryango n'inzego z'Ubuyobozi	Umukozi w'umurenge ushinzwe imibereho myiza y'abaturage	RIB

4. Umwana ukorerwa ihohoterwa rikomeretsa umutima (Kubwirwa amagambo amukomeretsa)	Inshuti y'umuryango n'inzego z'Ubuyobozi	Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu murenge	Kubimenyeshya Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana uhamagara kuri:711 cyangwa kubimenyeshya umukozi ushinzwe Kurinda no kurengera umwana ku Karere
	Umujyanama w'ubuzima	Ikigo nderabuzima/ mbonezamirire	
5. Umwana waburiwe irengero n'umuryango we	RIB	Ibiro by'abinjira n'abasohoka ku Karere	-
	Inshuti y'umuryango n'inzego z'Ubuyobozi	Kubimenyeshya Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana uhamagara kuri: 711	
		Umukozi ushinzwe imibereho myiza mu murenge	



7.1. Igisobanuro cy'uburere buboneye



Ni ibikorwa, imyitwarire n'imvugo ababyeyi n'abarezi bakorera umwana bigamije kumwigisha indangagaciro na kirazira zishingiye ku muco w'igihugu, urukundo rwa kibyeyi n'urugwiro hagati y'umwana n'ababyeyi, kuyobora no gukosora umwana utamuhutaje, gucunga amarangamutima n'imbam-utima neza hagamijwe ko umwana akura neza mu bwenge, mu gihagararo, mu mikorere y'umubiri, mu mbamutima cyangwa mu mibanire ye n'abandi. Uburere bwiza bugomba guhera mu muryango, ababyeyi bakaba intangarugero rwiza kuko Abana bigana ibyo babona!

Icyitonderwa: Ababyeyi b'umwana n'abo mu muryango we nibo shingiro ry'uburere bwiza, ubuhanga n'ubumenyi agira, umurezi akaba uwunganira ababyeyi n'umuryango we, kuko iyo atitaweho neza mu myaka 6 ya mbere, bigira ingaruka mbi ku mikurire ye mu buzima bwe bwose.

Uburere buboneye mu muryango bugomba guteza imbere indangagaciro zikurikira:

7.2. Uburere buboneye mu muryango n'indangagaciro z'umuco w'uRwanda

- Kugira nimeru za telefoni z'ingenzi nakwifashishwa ntabariza buri mwana zirimo: nomero z'ababyeyi, iy'umujyanama w'ubuzima, "Isange One Stop center" y'ibitaro by'akarere, iy'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA: 711), iya polisi y'igihugu:112.
- Kumenya aho buri mwana atuye, kugira amakuru ku bibazo buri mwana akunda kugira mu buryo butunguranye no kumenya ikibazo kihariye umwana yaba afite mu buryo buhoraho n'imiti n'uko afashwa.
- Kwirinda gusiga abana bonyine.
- Kugira ubumenyi ku butabazi bw'ibanze no gukorana n'umujyanama w'ubuzima n'ikigo nderabuzima kikwegereye.
- Gutanga raporo ku kibazo cyabaye ku mwana ku buyobozi bw'umudugudu kugira amazi asukuye ashobora kwifashishwa mu bikorwa by'ubutabazi bw'ibanze nk'uko aba akenewe no kunyobwa n'abana.

7.3. Urutonde rw'ibiganiro bigenewe ababyeyi, igihe bitangirwa n'ababigiramo uruhare

7.3.1. Kwita kumwana no kumwerekana urukundo n'urugwiro

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:**
 - **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
 - **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):**
 - Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku kwita ku mwana kuva agisamwa, avuka na nyuma yo kuvuka, NCDA 2023 (Paji 16 -56).

7.3.2. Gufasha umwana gutuza no kumuhoza

Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:

- Abana bato bagaragaza ibyifuzo byabo barira, baba bakeneye guterurwa, guhozwa, guhugenzwa no guhabwa ibyo akeneye nk'ibere, ibiryo no guhindurirwa imyenda yitumye.
- Ni byiza cyane ko umubyeyi atangira kumenyereza umwana ko kumenyeshya icyo akeneye bidakorwa binyuze mu kurira no kwigaragura hasi arakaye, ahubwo yabisaba neza atuje.
- Ababyeyi nabo bagomba kwita ku byifuzo by'umwana ndetse bakita no ku bindi akeneye. Itondere ibimenyetso byose umwana akwerekana kuko byerekana ko hari icyo akeneye cyangwa ashaka.
- Vugisha umwana mu ijwi ryuje ubwuzu n'urukundo mu gihe umuha amabwiriza, umukosora cyangwa muganira.
- Hoza umwana wawe binyuze mu kumukorakora mu buryo bufite injyana, ukunda kumushyira mu gituzo ku buryo uhuza umubiri wawe n'uwe cyangwa ku rutugu.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'umuryango, Umujiyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):**

Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku kwita ku mwana kuva agisamwa, avuka na nyuma yo kuvuka, NCDA 2023 (Paji 54 -56)

7.3.3. Gufasha umwana gukuza ururimi no kuvuga

• **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:**

- Abana batangira kumenya no kumva amajwi ku mezi 7 bakiri mu nda, ariko ku mezi 6 umwana ashobora kumva no kumenya amajwi ya nyina na se bamwegereye.
- Kuririmbira umwana ukiri mu nda na nyuma yo kuvuka ni ingirakamaro cyane. Koresha ururimi rworoheje impinja zishobora kumva.
- Abana bavuga bakoresheje ibimenyetso cyangwa baca amarenga, barira, berekana ikintu batunze urutoki; nyuma bagatangira kuvuga bakoresheje amagambo.
- Kumenya no kwita ku byo umwana agerageza kukwerekana ni ingenzi. Urugero: niba umwana atunze urutoki inyoni, ushobora wowe kuyivuga mu izina uti "ni byo, iriya ni inyoni".
- Kumva amagambo n'amajwi menshi bifasha mu mikurire y'ubwonko bw'abana no kumenya ururimi.

- Mu gihe umwana aba avuga ijambo rimwe gusa, mufashe kumenya kuvuga amagambo yuzuye. Urugero: niba umwana wawe avuze ati, “Mama atetse” ushobora kumusubiza umwunganira mu nteruro yuzuye uti, “yego, mama aratetse”, “Mama atetse ibiryo”, “Mama atetse iki?”
 - Ganiriza umwana wawe inshuro nyinshi zishoboka, nibwo buryo nyabwo bwo kumwigisha kuvuga neza.
 - Abana bakunda kuvuga bakoresheje interuro nyinshi zivangavanze no kubaza ibibazo byinshi, batege amatwi kandi ubasubize, ntukarambirwe.
 - Abana bafite ubumuga bagorwa no kwerekana icyo bashaka kuvuga. Gerageza kumuganiriza cyane kugira ngo ubashe gusobanukirwa no kumenya aho afite inzitizi.
 - Umubyeyi cyangwa umurezi ashobora kwigisha umwana ufite ubumuga ururimi rw’amarenga amukoresha ibintu bimenyerewe cyane nko kurya, kuryama kwituma, kwambara n’ibindi.
 - Niba utazi gusoma no kwandika, fasha umwana wawe kureba amashusho, ubundi ugenekereze inkuru ijyanye n’ayo mashusho
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y’umuryango, Umujyanama w’ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
 - **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho ihugura ababyeyi ku mumaro wo gukina no gukangura ubwonko bw’umwana, NCDA 2023(40-59), Early learning and development Standards (ELDS), NCDA 2023.

7.3.4. Gukina n’umwana hagamijwe ko yigira mu bikorwa bya buri muni

- **Ubutumwa bw’ingenzi bukubiye mu kiganiro:**
 - Gukina n’umwana ni ingenzi cyane mu mikurire ye.
 - Abana bigira mu gukina no kugerageza ibintu bishya; ndetse no kwigana ibyo abandi bakora. Bahe umwanya wo kuvumbura no kugerageza ibintu bishya.
 - Mu rugo, wakwigisha umwana amabara n’amajwi umunyuzwa ibintu by’amabara atandukanye mu maso, ukazunguza n’ibifite amajwi.
 - Egeranya udukoresho dutandukanye tutagikoreshwa, utugirire isuku, umwana adukoreshe nk’udukinisho. Ingero: utujerikani, amakarito, ibikombe, kamambiri, amacupa y’amavuta, nibindi.
 - Abana bakenera kugira abo bakina nabo. Shaka umwanya wo kuba hafi y’umwana, mukine unamuganiriza wifashishije imirimo yo mu rugo nko kumwuhagira,

kumugaburira, kumesa, guteka, gusoroma imboga n'imbuto, n'ibindi), umureke akine n'abandi bana.

- Igihe ukina n'umwana, reka akuyobore, umwigane yimare amatsiko. Mureke agaragaze amarangamutima ye, agerageze kwirwanaho bitewe n'uko igikorwa murimo kimworoheye cyangwa kimukomereye.
- Abana biga ururimi, imibare, kuganira no gusoma binyuze mu mikino no mu biganiro, indirimbo no kubara inkuru.
- Igana ibikorwa by'umwana ndetse ujye urushaho kumuganiriza no kumushimira mu byo yakozwe neza.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho ihugura ababyeyi ku mumaro wo gukina no gukangura ubwonko bw'umwana, NCDA 2023 (paji 20-39).

7.3.5. Gutegura indyo yuzuye ku mugore utwite n' uwonsa

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro:**

Ibibazo birebana n'igwingira mu bana bishobora kugabanuka mu gihe umubyeyi utwite n' uwonsa bafashe indyo yuzuye irimo ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara, bikungahaye ku myunyu ngugu na vitamine bifasha mu kubungabunga ubuzima bwabo n'ubw'abana ndetse bikagira ingaruka nziza ku mikurire y'ubwonko bw'umwana.

- **Umugore utwite:**

- Abagore batwite bagomba kongera inshuro basanzwe barya kandi bagafata amafunguro akungahaye ku ntungamubiri zinyuranye kugira ngo barwanye ibura ry'intungamubiri zikenewe mu mubiri.
- Mugore utwite irinde kurya ibiryo bibujijwe nk'amafi, inyama n'amagi bimaze iminsi, bibisi cyangwa bidahiye neza no kunywa ibisindisha n'ibiyobyabwenge, kunywa itabi cyangwa kuba hafi y'umuntu uri kunywa itabi igihe utwite, ikawa nyinshi na za soda.
- Mu gihe utwite, ntugomba kugira umuti uwo ari wo wose unywa utawandikiwe na muganga, kuko ushobora kugira ingaruka ku mwana utwite.

- **Umugore wonsa:**

- Mu gihe wonsa, jya ufata buri muni amafunguro abiri yoroheje yiyongera ku yo usanzwe ufata buri muni, kugirango akongerere imbaraga anafashe umwana wawe gukura neza

- Rya amafunguro y'ubwoko bwose akungahaye ku ntungamubiri
- Nywa amazi menshi, nibura litiro zisaga 2 ku munsu (zingana n'ibikombe 8 binini).
- Gabanya icyayi n'ikawa unywa kuko bishobora kubangamira uburyo umubiri wawe ukoresha amafunguro wafashe.
- Reka inzoga, itabi n'ibiyobyabwenge mu gihe utwite cyangwa wonsa.
- Umurima w'igikoni ufasha umuryango kubona ibiribwa bisoromeweho kandi bikungahaye ku ntungamubiri.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku kugaburira Abana indyo yuzuye, NCDA 2023 (Paji 21-24).

7.3.6. Gutegura indyo yuzuye k'umwana

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro:**
 - Ni ngombwa konsa umwana gusa mu mezi atandatu ye ya mbere nta kindi umuvangiye.
 - Umubyeyi agomba konsa akimara kubyara mu isaha ya mbere n'ikindi gihe cyose biri ngombwa akabikorana urukundo areba umwana mu maso, amusekera, amuvugiriza ubuhaha.
 - Mu gihe umubyeyi atari hafi y'umwana, amusigira amashereka yikamye ariko yabitswe neza mu gikoresho gifite isuku cyangwa firigo kubayifite.
 - Umwana wawe nagira amezi 6, tangira kumuha imfashabere yujuje intungamubiri.
 - Kuva ku mezi 9 kugeza kuri 24, muhe ibiryo bisanzwe, binombye cyangwa bikasemo uduce duto cyane. Uko agenda akura, tangira kumuha ibyo kurya bisanzwe amenyere guhekenya no kurya ibyo kurya bikomeye, ndetse umuhe ibyo ashobora kwifatira mu ntoki akitamika (guhera ku mezi 12).
 - Gaburira umwana umwereka urukundo, umureba mu muso, umumwenyurira, umuganiriza, umubyinirira, umuririmira, umuvugiriza ubuhaha n'ibindi.
 - Komeza konsa umwana wawe uko abikeneye haba ku manywa na nijoro kugeza yujuje nibura imyaka 2.
 - Uko umwana akura niko arushaho kudahazwa n'amashereka, niyo mpamvu kugira ngo abone imbaraga aba agomba kunganirwa n'imfashabere.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y’umuryango, Umujyanama w’ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku kugaburira Abana indyoyuzuye, NCDA, 2023 (Paji 25)

7.3.7. Kwirinda no gukemura amakimbirane mu muryango

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro:**

- Kenshi amakimbirane aturuka ku mikoreshereze mibi y’umutungo, kutuzuzana inshingano, kutaganira neza, ubuharike, ubushoreke, kutita ku bana n’ibindi.
- Ababyeyi bagomba gukemura amakimbirane mu mahoro, kuko bifasha urugo rwabo kugira umutuzo n’umusungiruhungu ntangarugero w’amahoro ku bana babo.
- Ababyeyi bagomba gusobanukirwa uko amakimbirane abaho, kuganira ku bibazo nta kubica iruhande (gusasa inzobe), mu ituze no mu bunyangamugayo.
- Bagomba gushaka umuti utabogamye mu bwubahane, bakumira amakimbirane, aho gutegereza ingaruka zayo.
- Buri wese akwiye kwihanganira ibitekerezo bitandukanye by’abandi mu muryango ndetse n’imyifatire yabo.
- Kuba ikitegererezo mu kubana n’abandi mu mahoro bitanga urugero rwiza ku bagize umuryango.
- Gukubitwa, gusunikwa, gutukwa, gukankamirwa cyangwa guteshwa agaciro no kubona undi mu bagize umuryango akubitwa, asunikwa cyangwa ateshwa agaciro, n’ibindi, bigira ingarukambi ku mikurire y’Abana igihe babibona cyangwa babyumva.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y’Umuryango, Umujyanama w’ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.

- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Integanyanyigisho y’Uburere buboneye, NCDA 2019, (p 28)

7.3.8. Uburenganzira bw’umwana

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro:**

Uburenganzira ni ibyo umuntu yemerewe n’amategeko ku buryo budasubirwaho, bishingiye kuri kamere ye karemano nk’ikiremwa umuntu ku birebana n’ubuzima bwe, imibereho ye mu muryango n’ahandi hose, umutungo, imibanire ye n’abandi n’igihugu avukamo cyangwa atuyemo.

Uburenganzira bw’Abana bujyanye no guhabwa ibyo akeneye byose kugira ngo abeho neza birimo:

- Uburenganzira ku irangamimerere (guhabwa izina kandi ryiza no kugira ubwenegihugu), kuvuzwa, kugira icumbi, guhabwa indyo nziza, kwiga, kwitabwaho n'ababyeyi, kuruhuka, gukina no kwidagadura, kudatandukanywa n'ababyeyi be, kudashorwa mu ntambara, kurindwa ivangura n'ibintu byakwangiza ubuzima bwe (ibiyobyabwenge, imirimo mibi cyangwa itajyanye n'ikigero cye), kurindwa icuruzwa cyangwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, iribabaza umubiri n'imbamutima, kugira uburenganzira bwo kuvuga, gutanga igitekerezo, kugira umuco w'igihugu cye n'ibindi.
- Rinda umwana kwegera amatungo cyangwa inyamaswa kandi umwigishe uburyo bwo kwitwara ku matungo yororerwa mu rugo kugira ngo hirindwe kurumwa cyangwa gukomeretswa nazo.
- Rinda umwana kwegera ibikoresho bikomeretsa n'ibyica cyangwa ahantu hashyira ubuzima bwe mukaga.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato, NCDA 2019, (paji 74-75)

7.3.9. Uburenganzira umwana no kurwanya ihohoterwa rimukorerwa

Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:

- Gukosora umwana neza utamuhutaje ni ukumuyobora ugamiye kumwongerera ubushobozi bwo kugenda yikosora ubwe, umufasha kumenya ikibi n'icyiza no kwitwara neza binyuze mu kumwumva no kumushishikariza icyiza.
- Iyo Abana bahohotewe mu buryo bunyuranye burimo guhanishwa ibihano bibabaza umubiri, kutitabwaho cyangwa kubanyega, bishobora kubatera kwitakariza icyizere, guhorana impagarara zishobora kudindiza imikurire y'ubwonko, kudindira mu buryo bw'imitekerereze no kutabasha guhangana n'ibibazo ndetse bikamukurikirana yaranabaye umuntu mukuru.
- Guhohotera Abana bituma babifata nk'uburyo bwemewe ababyeyi cyangwa abarezi bakoresha bimara umujinya kuko Abana bigira ku byo ababyeyi bakora n'ibyo bababwira. Niba ababyeyi bigisha umwana kwitwara neza ariko bamukankamiye, banamwuka inabi, ubwo baba bamwigishije ko gukankama no kuka abandi inabi ari inzira yemewe yo gukosorana.
- Igihe umwana wawe akosheje bikakubabaza; banza wihe umutuzo kugira ngo ubimuganirizeho wamaze gucururuka.
- Kirazira gutuka cyangwa gukubita umwana mu gihe umukosora kuko nta cyiza na kimwe bimwigisha uretse kumugira igikange no gutuma atakwisanzuraho.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku burere budahutaza umwana, NCDA 2023, (paji 21)

7.3.10. Uruhare rw'ababyeyi bombi mu mikurire myiza y'Abana

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:**
 - Kugira ngo abagabo babashe kwita ku bana babo bagomba kwirengagiza igitutu bashobora gushyirwaho n'umuryango mugari ko babaye inganzwa.
 - Abagore n'abagabo bakwiye gushyigikirana no gufatanya inshingano zo kwita ku bana, icyo umwe ashoboye agafasha undi kugikora neza, kandi haba hari icyo umwe adashoboye, agashaka uko yuzuzanya na mugenzi we. Urugero: mu gihe umugore yonsa umwana, umugabo ashobora kumufasha kubona icyo kwegamira kugira ngo we n'umwana bamererwe neza. Mu gihe umugabo yaba ari we ubashije guheka umwana ku rutugu akamutembereza umwanya munini, umugore ashobora kubatwaza utundi tuntu kugira ngo umugabo aheke umwana bose nk'umuryango batemberane.
 - Kwita ku mwana no kumuha ibyo akeneye ngo akure neza (indyo yuzuye, imyambaro, kuvuzwa, amashuri, urukundo, n'ibindi) ni inshingano z'ababyeyi bombi mu rugo ndetse n'abandi bantu bakuru barubamo.
 - Ababyeyi bagomba guhora ari intangarugero kuko Abana bigira mu kwigana. Iyo ababyeyi bakora ibibi, Abana babigiraho ko ari ibintu byemewe bisanzwe bibaho kandi bikoreshwa mu muryango.
 - Iyo abagabo bitaye kandi bagafasha abagore babo kuva bagisama no mu bikorwa bindi bya buri muni, bibafasha kugira ubuzima bwiza kandi bikabashimisha, bikongera ubusabane mu muryango.
 - Umubyeyi w'umugabo n'umugore bashobora gutangira gusa Abana n'umwana uri munda binyuze mu kumuganiriza, kumuririmbira no kumukoraho.
 - Umugabo akwiye guherekeza no kwinjira mu cyumba umugore we abyariramo agakomeza kumuba hafi.
 - Gukina n'umwana bikoze n'ababyeyi bombi byubaka umubano n'ubusabane bagirana nawe.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku ruhare rw'abagabo mu mikurire yuzuye y'umwana, NCDA 2023, (paji 20-42).

7.3.11. Gutahura ubumuga, kwita kubana bafite ubumuga n'abandi bafite ibibazo byihariye:

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro**

- Ababyeyi n'abarezi bagomba kwitegereza imikurire y'umwana kugira ngo batahure hakiri kare igihe yaba agize ibimenyetso by'idindira mu mikurire n'ibibazo byihariye.
- Umubyeyi cyangwa umurezi ubonye amakuru ateye impungenge, agomba kujyana umwana kwa muganga kugira ngo bamusuzume byisumbuyeho hanyuma akumvira inama za muganga.
- Bumwe mu bumuga buvukanwa bushobora kuvurwa hakiri kare. Urugero: umwana wavukanye ibibari, ubumuga bw'ingingo n'ibindi.
 - Ubumuga cyangwa idindira mu mikurire bitavuwe hakiri kare bigira ingaruka zinyuranye ku buzima bw'umwana harimo kudashobora kwiyambika, kwigaburira, gukoresha ubwiherero, kuganira n'abandi, ndetse no kutabasha kugenzura imbamutima ze, kubura amahirwe yo kwiga no gukina nk'abandi no guhabwa akato.
- Inyubako zose zikwiye kuba zitabangamiye Abana bafite ubumuga butandukanye.
- Imfashanyigisho n'ibikinisho bikwiye kuba zifasha Abana bakeneye ubufasha bwihariye mu kwiga n'abarezi bagahugurwa ku burezi budaheza.
- Abana bafite ubumuga bagomba guhabwa uburyo bwo gukina n' abandi bana bibafasha kumva bisanzuye.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.

- **Aho wasanga amakuru arambuye:** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi kurera no kwita ku bana bafite idindira mu mikurire n'abafite ubumuga, NCDA 2023, (paji: 15-30)

7.3.12. Kwita ku buzima bw'umugore utwite

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:**

- Umugore wese utwite agomba kwitabira serivisi zose z'ubuzima yipimisha inshuro umunani (8) kuva agisama kugeza abyaye kandi akabyarira kwa muganga mu rwego rwo gukurikirana ubuzima bw'umubyeyi n'umwana. Umubyeyi kandi agomba kwitabira gahunda y'inkingo kugira ngo yirinde ndetse arinde n'umwana atwite.
- Ni byiza kwirinda kunywa itabi, inzoga n' ibiyobyabwenge kuko bigira ingaruka mbi ku buzima bw'umubyeyi utwite ndetse bigahungabanya ubuzima bw'umwana.

- Umugore utwite akwiye kuruhuka bihagije yirinda imirimo ivunanye ishobora kumutera gukuramo inda cyangwa akabyara umwana udashyitse.
 - Umugore utwite akwiye kumenya akamaro ko gufata ibinini byongera amaraso (nka feri n'iby'aside folike) kuko akenera amaraso ahagije kugira ngo bimurinde kuzahara.
 - Umugore wese akwiye kumenya ibimenyetso mpuruza n'ingaruka bifite ku buzima bwe n'ubw'umwana atwite, harimo kuvira ku nda, kugagara, kuribwa cyane mu nda, kuribwa cyane mu mutwe, guhumeka nabi, kugira umuriro mwinshi. Iyo hari kimwe muri ibyo bimenyetso abonye, yihutira kujya kwa muganga.
 - Abagore batwite bagomba kwirinda kuryama bubitse inda cyangwa bagaramye, ahubwo baba bagomba kuryamira urubavu.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
 - **Aho wasanga amakuru arambuye:** Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato NCDA 2019, (paji13)

7.3.13. Ubuzima buzira umuze bw'umwana

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mukiganiro:**
 - Buri mwana wese afite uburenganzira bwo guhabwa urukingo kabone n'iyi yaba afite ubumuga. Ni ngombwa ko ababyeyi bubahiriza gahunda y'ikingira kuko Abana bakingiwe ntibashobora gufatwa n'ibyorezo n'iyi bibafashe ntibibazahaza.
 - Ni ngombwa gushyira umwana ku ibere rya nyina nyuma y'iminota 30 akivuka kandi ntawe ugomba kuhagira umwana umunsi yavutseho.
 - Ubuzima bw'umubyeyi n'umwana bubungabungwa bwa mbere n'abagize umuryango kuva umubyeyi agisama.
 - Ubufatanye ni ingenzi mu muryango, abajyanama b'ubuzima n'abaganga mu kwita ku buzima bw'umwana kuva agisamwa na nyuma avutse hitawe ku buvuzi bukomatanyije burimo indyo yuzuye ku mwangavu, umubyeyi utwite n'uwonsa, umwana muto; kugira isuku n' isukura ku mubiri n'aho dutuye no kwitabira gahunda zo kwa muganga no kumuha uburere buboneye kugeza akuze.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbenezamikirire y'Abana Bato, NCDA 2019, (paji 19-20)

7.3.14. Akamaro ko kuboneza urubyaro

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro**
 - Kubyara Abana umuryango udafitiye ubushobozi bwo kubonera ibyo bakeneye byongera ubukene n'amakimbirane kuko batuma umuryango utazigamira irindi shoramari ryunguka, Abana bakagwingira bigatuma umuryango udatara imbere.
 - Kuboneza urubyaro bituma umubyeyi agira igihe gihagije cyo konsa no kwita kuri buri mwana, umubiri we ukagira igihe gihagije cyo kwisana hagati y'imbyaro.
 - Kuboneza urubyaro bitera kwizigama kurushaho, no guteganyiriza umuryango ubayeho neza kandi ugera ku iterambere.
 - Kuboneza urubyaro bireba ababyeyi bombi bidahariwe umugore gusa.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato, NCDA 2019, (paji 20-22)

7.3.15. Uruhare rw'isuku n'isukura mu mikurire y'umwana

- **Ubutumwa bukubiye mu kiganiro**
 - Isuku ni isoko y'ubuzima ku bana n'ababyeyi ndetse n'abagize umuryango bose.
 - Kutagira isuku ikwiye ku mazi, ku bikoreho no ku mubiri, ndetse no kutituma mu musarane bituma abantu bandura indwara.
 - Indwara ziterwa n'umwanda cyane cyane impiswi zituma umwana abura amazi mu mubiri, akagira umwuma no kudashaka kurya, akadindira mu mikurire akaba yanapfa.
 - Amazi anyobwa agomba kuba asukuye (atetse cyangwa yatunganijwe hakoreshejwe umuti wabugenewe), akabikwa neza mu kintu gisukuye mu kwirinda ikwirakwizwa ry'udukoko dutera indwara.
 - Gutegurana amafunguro isuku ni ingirakamaro mu gutuma abagize umuryango bagira ubuzima buzira umuze.
 - Abana Bato bakenera ko ababyeyi babakarabya intoki kenshi, bakaberekera uburyo bwo gukaraba kugira ngo bamenye kubyikorera neza.
 - Ibiryo bihiye n'imbutu nyuma yo kuzironga n'amazi meza bibikwa ahantu hasukuye.
 - Niba ibiryo utetse utari buhite ubigabura, nibimara gushya ubibike mu gikoreho gifite isuku kandi gifundikiye, ubibike ahantu hafite isuku (nko mu kabati cyangwa firigo niba ubifite).
 - Mu rugo n'aharukikije hose umuryango ugomba kuharwanya ibikurura bikanakwirakwiza udukoko dutera indwara nk'imibu, amasazi, imbeba, ibinyenzi n'ibindi. Ibi bisaba ko imyanda imenwa ahabugenewe nko mu ngarani.

- Urugo rugomba kugira umusarane utinze, wubakiye, usakaye kandi ufunze neza, kandi ukaba uri ahitaruye gato utegeranye cyane n'inzu yo kuraramo n'igikoni.
- Amatungo ntagomba kurara mu nzu imwe n'abantu.
- Uhagira umwana wawe, mushishikarize koza amenyo no kugira isuku uje unamufasha kujya mu bwihereho kuva yujuje imyaka 2 y'amavuko.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi kugira isuku no kwita ku bana bato, NCD 2024, (paji 16-36)

7.3.16. Ubutabazi bw'ibanze ku mwana ugize ikibazo

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye muri iki kiganiro**
 - Igihe umwana wawe afite umuriro mwinshi, ni ngombwa kumugeza ku muganga cyangwa umujyanama w'ubuzima kugira ngo asuzumwe ahabwe ubuvuzi bukwiye. Kugerageza kumwivurira bishobora kuvamo kuvura indwara atarwaye, iyo arwaye ntivurwe.
 - Igihe umwana arwaye impiswi, muhe umuti w'amazi uvura impiswi (SRO) utangwa n'umujyanama w'ubuzima cyangwa kwa muganga.
 - Mugihe umwana anizwe n'ibyo kurya cyangwa ikindi kintu, mukomange mu mugongo kugeza ku nshuro eshanu. Niba kumukomanga mu mugongo nta cyo bitanze, mukomange mu gituzo inshuro eshanu. Niba icyamunize cyanze gusohoka, ihutane umwana ku mujyanama w'ubuzima no kwa muganga.
 - Mu gihe cy'ubushye, suka amazi akonje ahahye gusa, ntumusukeho amazi umubiri wose adakonja, kandi ntumukuremo umwenda yahye yambaye udafatira ku bushye kuko byatuma igikomere kirushaho gukomera.
 - Mu gihe umwana arumwe n'inyamaswa (inzoka, imbwa n'ibindi), oza igikomere n'amazi meza n'isabune; hanyuma umwihutane kwa muganga
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye:** Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku bijyanye n'ubutabazi bw'ibanze, NCD 2023, (paji 11-26)

7.3.17. Uruhare rw'umubyeyi mu mikorere myiza y'Urugo Mbenezamikirire

- **Ubutumwa bw'ibanze bukubiye mu kiganiro**
 - Kumenya no gusobanukirwa serivisi mbenezamikirire zose zihabwa abana mu Rwanda (mu ngeri zitandukanye).

- Gutanga umusanzu w'ibikenewe: inkwi, amazi, ifu y'igikoma, ibiribwa, agahimbazamusyi, ibindi,
 - Gutanga umusanzu mu kwita ku bana mu Rugo Mbenezamukurire, baja ibihe byo gusimburana nk'uko biteganijwe.
 - Kujyana no gucyura umwana mu Rugo Mbenezamukurire ku gihe no gukurikirana imibereho ye yunganira n'abarezi be kenshi.
 - Kwitabira amahugurwa, ibiganiro bigenewe ababyeyi n'umugoroba w'umuryango.
- **Utanga ikihaniro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'Ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
 - **Aho wasanga amakuru arambuye:** Integanyanyigisho y'uburere buboneye, NCDA 2019, (paji 27)

7.3.18. Uburyo butandukanye bwo kurera n'ingaruka bigira ku bana

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro**

- *Ingaruka zo Kureresha igitsure gikabije:*

Umwana arangwa no kutagira ibyishimo n'ubwisanzure, kutigirira icyizere, kutiha agaciro bihagije, kutagira inshuti n'ubusabane n'abandi.

- *Ingaruka zo Kurera bajeyi:*

Umwana arangwa n'ubutesi bukabije, kutagira umurongo ngenderwaho mu mibereho, guhora mu bibazo n'abandi, kutifatira ibyemezo bikwiye, guhubuka, kutagira ikimushi-shikaza, kutava ku izima, ubunebwe no kutibwiriza.

- *Ingaruka zo kuba umubyeyi ntibindeba:*

Umwana arangwa no kutishima, kutagira gitangira, kutiyizera, kwivumbura, gutsindwa mu ishuri, kutigirira ikizere, kutagira intego.

- *Ibyiza byo Kurera biboneye:*

Kurera biboneye, ibyemezo bireba umwana abigiramo uruhare, ibikorwa umubyeyi akorera umwana byose akabikorana urukundo n'urugwiro haba kumugaburira, kumwuhagira, kumuhoza, kumuyobora, kumukosora n'ibindi bamwitayeho, bamuvugisha, bamurimbira; bakamuha umwanya bagakina, kandi bakamutega amatwi bakamuha ibyo akenera. Bimurinda ihungabana ry'ubwonko no kutigirira icyizere bikamufasha gufata ibyemezo no guhanga ibishya, gutsinda, kugira intego no kwikemurira ibibazo.

- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.

- **Aho wasanga amakuru arambuye (isooko):** Imfashanyigisho kuri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato, NCDA 2019, (paji 104)

7.3.19. Ishusho y'umubyeyi wifuzwa

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye muri iki kiganiro:**

Umubyeyi mwiza wifuzwa:

- Ni icyitegererezo ku mwana we mu byo avuga, akora n'uko yitwara
 - Ni umurinzi n'umwarimu w'umwana we mu bikorwa bya buri muni.
 - Aha agaciro abana bose, agaharanira icyabafasha kugera ku byiza.
 - Aharanira kugira icyo yiyungura, akagira ubumenyi n'ubukeshya yifuza ko abana be bafataho urugero.
 - Yishimira gusangiza abana be ubumenyi n'imyitwarire myiza.
 - Ashyira imbere abana be kandi agaharanira kubageza ku ndoto zabo.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye:** Integanyanyigisho y'uburere buboneye, NCDA 2019, (paji 29)

7.3.20. Gushaka no gukoresha neza umutungo w'urugo

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro**

- Ababyeyi bagomba guhora bazirikana ko umutungo w'urugo ubereyeho kuzamura imibereho myiza y'abana n'iterambere ry'umuryango.
 - Ababyeyi bagomba guharanira ko umuryango uhora utekanye, wiha intego z'ibikorwa mu gihe kirambye; uharanira guteganyiriza ahazaza h'umuryango na buri muntu bwite
 - Guteganya amafaranga azinjira n'ibyo azakoreshwa no kwizigama kugira ngo bagire umuco wo gukoresha amafaranga mu buryo buboneye kandi bwateganyijwe.
 - Gusobanukirwa ikiguzi cyo kurera umwana mwiza wifuzwa n'igikwiye gukorwa
 - Gutangiza no kwitabira amatsinda yo kwizigama no kugurizanya no gukora no gucunga neza imishinga iciriritse ibyara inyungu.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.
- **Aho wasanga amakuru arambuye:** Integanyanyigisho y'Uburere buboneye, NCDA 2019, (paji 28)

7.3.21. Gukora ibikinisho

- **Ubutumwa bw'ingenzi bukubiye mu kiganiro:**

- Niba nta bikinisho by'abana mufite mu rugo, koresha ibikoresho byo mu rugo bisukuye kandi bitakomeretsa umwana cyangwa ngo abimire, wige kwikorera ibikinisho byoroheje by'abana.
- Ha umwana wawe ibikinisho by'ingeri zose bimufasha mu mikurire no kumute-gura kwiga hakiri kare: nko kubaka no kugerekeranya ibintu, kubara, gusoma, n'ibindi.
- Ha/ korera umwana ibikinisho bituma atekereza hanyuma umufashe kubikoresha
- Agace k'akabaho gafite udupine dusize irangi gashobora gukinishwa nk'igare, agapikipiki n'ibindi bigenewe gutwara abantu.
- Umwana ashobora kugerageza guhuza uduce tw'agakarito baciye gashushanyijeho ishusho y'ikintu kugira ngo akore ishusho y'icyo kintu.
- Mushobora no gushushanya ifoto y'ikintu ku gikarito mwarangiza mukagikatamo ibice nka bitatu, noneho ugaha umwana agakina abiteranya kugira ngo akore ishusho ya cya kintu anatekereze kurushaho.

Ingero z'ibikinisho umubyeyi yakwikorera:

- Igipupe cy'abantu gikozwe mu bikoresho bishaje, imyenda cyangwa amacupa.
 - Igipupe cy'inyamaswa gikozwe mu myenda, ibinyamakuru bishaje, ibikarito cyangwa ibindi bikoresho.
 - Igare, ipikipiki, imodoka bikoze mu ibumba, insinga n'utujerikani.
 - Ingoma zikoze mu mifuka n' ibikombe.
 - Imyirongi ikoze mu nkondo y'ikibabi cy'ipapayi.
 - Umupira wa karere ubanze mu birere cyangwa amababi.
 - Ibitabo by'inkuru n'amashusho yigisha ururimi, ibidukikije n'ibindi.
- **Utanga ikiganiro:** Inshuti y'Umuryango, Umujiyanama w'ubuzima, Umurezi ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yateguwe.

7.4. Uko ikiganiro kigenewe ababyeyi kiyoborwa

Igihe	Igikorwa	Uko giteye
Igice cya 1: Iminota 10	Ikaze	Ha ikaze abana n'ababyeyi baje wifashishije akaririmbo cyangwa agakino ko gutangira.
Igice cya 2: Iminota 10	Gusangiza abandi ibyakoze mu gushyira mu bikorwa isomo ry'ubushize	Ni ubuhe butumwa twatahanye mu mukiganiro giheruka? (Ababyeyi bumva bisanzuye basangiza abandi ibyo bakoze bari kumwe n'abana babo) Ni ibiki byagenze neza? Ni nde muri mwe watekereje igikorwa runaka hanyuma akagikorana n'umwana?
Igice cya 3: Iminota 20	Gutekereza ku nsanganyamatsiko y'umunsi: A. Ingingo nyamukuru y'ibiganiro -Ibibazo bibafasha gusesengura isomo ry'umunsi B. Ibishobora gukorwa C. Ubutumwa bw'ingenzi	Koresha ibibazo muri iki gice. A. Babwire ingingo y'ikiganiro igiye kwibandwaho: B. Ibyo ababyeyi bashobora gukora mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ikiganiro. -Ku birebana n'iyi ngingo ni iki ababyeyi mukwiriye gukorera cyangwa gukorana n'Abana? -Ibyo bikorwa bifasha iki umwana mu mikurire ye? -Muzajya mubikora ryari? C. Ni ubuhe butumwa bw'ingenzi dukuye muri iki kiganiro?
Igice cya 4: iminota 15	Nimureke dukine Kwerekana ibikorwa bibiri cyangwa 3	Kwerekana: <ul style="list-style-type: none"> • Ngiye kubereka urugero rw'umukino ku gikorwa cyakorwa n'umubyeyi ashya mu bikorwa iri somo tumaze kwiga, hano ndafatanyaga n'umubyeyi • Umwana yungukiramo iki muri uyu mukino? Amatsinda mato: Ababyeyi bakorane imyitozo n'abandi babyeyi bafite Abana bo mu kigero kimwe bitoza uko baza kubikorana n'Abana babo.

Igice cya 5: Iminota 15	Gukinira hamwe	Buri mubyeyi wazanye umwana we, agerageze kimwe mu bikorwa twavuze umuntu yakora ashya mu bikorwa iri somo hanyuma agikorane n'umwana nk'umukino, batwereka uko bazajya babikora bageze mu rugo.
Igice cya 6: Iminota 15	Kungurana ibitekerezo no kubaza ibibazo no gusomera hamwe igitabo	Ni ubuhe butumwa bw'ingenzi dukuye muri iki kiganiro? Reka dusomere hamwe igitabo kugira ngo bibabere urugero rw'uko namwe muzajya musomera hamwe ibitabo hamwe n'Abana banyu (utazi gusoma no kwandika nawe ashobora gusoma amashusho hamwe n'umwana).
Igice cya 7: Iminota 5	Gufata ingamba nshya, gusezeranaho no guhana gahunda itaha	Ingamba ababyeyi bihaye bashingiye ku byaganiriweho n'uburyo bazazishyira mubikorwa. Dusezeraneho turirimba indirimbo y'Abana.

Aho wasanga amakuru arambuye: Inyoborabarezi yo gukora ibikinisho, REB, 2020 (ipaji 24-44)

7.5. Uko ibiganiro bikurikirana muri gahunda yo kubaka ubushobozi bw'ababyeyi mu gutanga uburere buboneye

Gutegura ibiganiro bigenewe ababyeyi mu rwego kububakira ubushobozi mu gutanga uburere buboneye, budahutaza kandi budaheza, harebwa cyane ku cyo ababyeyi bakeneye kumenya mu gace runaka ikiganiro kigomba gutangirwamo. Uko ibiganiro bigenewe ababyeyi bikurikirana nabyo ahanini bishingira ku cyo ababyeyi bakeneye byihutirwa kurusha ibindi. Gusa n'ubwo atari ihame, ku mugereka w'iyi nyoborabarezi hateguwe urutonde umurezi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato yagenderaho mu gutegura gahunda y'ibiganiro bigenewe ababyeyi mu gihe cy'imyaka itatu (3) gahunda y'ibiganiro bigenewe ababyeyi mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato imara. Uru rutonde turusanga ku mugereka wa Karindwi w'iyi nyoborabarezi .

8.1. Igisobanuro cy'itsinda

Itsinda ni ihuriro ry'abantu bafite inyungu cyangwa intego imwe, kandi bagahuza imbaraga mu gukora bafite intego imwe.

8.2. Akamaro k'amatsinda y'ababyeyi muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato

- Bituma ababyeyi bashyira hamwe imbaraga mu bitekerezo no mu bushobozi bw'amafaranga bakenera mu gutangiza imishinga ibateza imbere.
- Byongerera ubushobozi ababyeyi mu bijyana n'amikoro akenewe, kugirango buzuzwe inshingano zabo mu mitangire ya serivisi nko gutanga igikoma cy'Abana n'ibindi.
- Byoroshya ubukangurambaga, mukubonera ababyeyi hamwe kandi ababyeyi ubwabo bagomba kugira inshingano mu mitangire ya serivisi Mbonezamikurire.

8.3. Intambwe itsinda rinyuramo kuva rishinzwe kugeza risoje

- **Gutangiza itsinda**

Muri iki cyiciro, itsinda rirangwa n'ibi bikurikira:

- Guhuzwa n'inyungu mufite muri iryo tsinda.
- Buri wese yorohera undi mu itsinda kugirango babane neza.
- Bashyiraho amategeko abagenga nk'itsinda.

- **Igihe cy'ibibazo mu itsinda**

Muri iki cyiciro itsinda rirangwa n'ibi bikurikira:

- Kamere ya benshi itangira kwigaragaza (Buri wese atangira kureba niba inyungu ze zitaba zibangamiwe mu itsinda, bamwe bagatangira kurwanira ubuyobozi bw'itsinda.
- Amakimbirane akaba aratangiyeye
- Itsinda ryiremamo udutsiko duto dushingiye ku bucuti (Usanga bigora benshi mu banyamuryango kwitandukanya n'uwo bafitanye ubucuti kandi wenda ari mu makosa
- Ubuyobozi bw'itsinda bugira imbaraga bukabafasha kubona umurongo wo gukemura ibibazo mu kuri ntawurenganijwe. Iyo ibi bitabaye itsinda rirasenyuka.

- **Ibihe byo gushyira hamwe no guhuza nk'itsinda**

Muri iki cyiciro itsinda rirangwa n'ibi bikurikira:

- Buri wese ahabwa kandi akamenya inshingano ze.
- Bemeranya ku mahame azagenga imibanire hagati yabo, kandi aya akaba arenze ubucuti busanzwe ahubwo agashingira ku nyungu z'itsinda.
- Muri icyi cyiciro ugira ikibazo ni utubahirije inshingano ze.

- **Kugera ku musaruro**

Muri iki cyiciro itsinda rirangwa n'ibi bikurikira:

- Abanyamuryango bemera amahame agenga imibanire yashyizweho kandi bakayashyira mu bikorwa
- Buri wese ashya imbaraga ku nshingano ze.
- Ibikorwa by'itsinda bigatangira kubona umusaruro ushimishije

- **Kurasa ku ntego, guseswa cyagwa guhindura intego y'itsinda**

Muri iki cyiciro itsinda rirangwa n'ibi bikurikira:

- Icyatumye itsinda rishingwa kigerwaho, noneho abanyamuryango bagatangira kwifuzza ibirenze intego yatumye itsinda rishingwa.
- Kugirango inyungu za buri wese zigerweho hakorwa ibi bikurikira:
- Guhindura intego y'itsinda bakiha intego yindi isubiza ibyifuzo bishya by'abanyamuryango cyangwa abanyamuryango bagatandukana, itsinda rigaseswa.

- **Icyitonderwa:** N'ubwo itsinda ryahindura intego ntihabura abavamo bagasimburwa n'abandi, itsinda rikongera rikaba nk'iribaye rishya rikanyura muri bya byiciro ryanyuzemo mbere.

8.4. Imikorere y'itsinda rifite intego

8.4.1. Uko bicara mu nama y' itsinda

Ishusho ikurikira igaragaza uko bicara neza ku ruziga mu nama y'itsinda. Ubu buryo bwo kwicara bufite inyungu zikurikira:

Bufasha buri munyamuryango w'itsinda kubona neza ibikorwa mu itsinda nta wumukingirije.

Birinda akajagari mu itsinda mu gihe abanyamuryango b'itsinda bahaguruka bajya kwizigama.

8.4.4. Ibaruramari mu itsinda ry'ababyeyi mu Rugo Mbonezamikurire

Ibaruramari mu itsinda ry'ababyeyi ryakorwa mu buryo butandukanye ariko imbonerahamwe iri ku mugereka wa gatatu iratanga urugero rwa bumwe bu buryo bwakoreshwa.

8.4.5. Kurasa ku ntego (Kugabana ubwizigame n'inyungu byabonetse)

Kurasa ku ntego bikorwa mu ntambwe zikurikira

- Kugarura mu itsinda amafaranga yaryo yose ari mu banyamuryango nibura ukwezi kumwe mbere y'uko itariki yo kugabana igera.
- Gukora imbonerahamwe igaragaza:
 - Ubwizigame bwa buri munyamuryango (Mu gihe ubwizigame bw'abanyamuryango bubarwa mu migabane, icyo gihe kubona ubwizigame ufata imigabane ya buri munyamuryango ugakuba n'agaciro k'umugabane umwe bemeranijweho mu ntangiriro y'icyiciro cy'itsinda).
 - Imyenda buri munyamuryango yaba afitiye itsinda akaba agejeje ku muni wo kurasa ku ntego atarashobora kuyishyura (ishobora kuba inguzanyo yahawe, ibihano yaciwe cyangwa ingoboka yaba atarishyuye niba mu itsinda bagira gahunda yo kugobokana).
- Hakurikiraho gushaka **igiteranyo rusange cy'imigabane y'abanyamuryango bose** b'itsinda niba ubwizigame mu itsinda bubarwa mu buryo bw'imigabane. Iyo bubarwa mu mafaranga gusa bashaka igiteranyo cy'ubwizigame bw'abanyamuryango bose.
- Hakurikiraho kugaragaza **amafaranga afatirwa ku bwizigame bw'abanyamuryango** bagejeje ku itariki yo kurasa ku ntego (kugabana) batarabasha kwishyura itsinda, nayo agakorera igiteranyo. Icyitonderwa: iyo umunyamuryango afite umwenda usumba ubwizigame bwe, ako kanya itsinda rifatira gusa angana n'ubwizigame andi akayishyuzwa nyuma yo kubara inyungu z'itsinda, nabyo bitashoboka ko ayishyura mu nyungu, akazayishyura ayakuye ahandi.
- Hakurikiraho kwandika **amafaranga aza kugabanywa mu itsinda avuye kuri banki/ikigo cy'imari bakorana** akandikwa mu ikaye iri gukorerwamo imibare Icyitonderwa: Kuri banki hasigarayo gusa amafaranga afata konti (bank charges).
- Hakurikiraho kwandika amafaranga aza kugabanywa avuye mu isanduku y'itsinda (atarageze kuri banki).
- Hakurikiraho kugaragaza amafaranga aza kwifashishwa mu kubona agaciro gashya k'umugane mu itsinda ku muni wo kurasa ku ntego. Amafaranga aza kugabanywa mu itsinda avuye kuri banki/ikigo cy'imari itsinda ribitsamo wongeyeho amafaranga aza kugabanywa avuye mu isanduku y'itsinda (atarageze kuri banki) wongeyeho amafaranga yakaswe ku bwizigame bw'abanyamuryango bagejeje ku itariki yo



kurasa ku ntego (kugabana) batarabasha kwishyura itsinda. Iki giteranyo kifashishwa mu kubona agaciro gashya ku mugabane kazakoreshwa mu kurasa ku ntego (kugAbana) mu itsinda).

- Hakurikiraho gushaka agaciro gashya k'umugabane mu itsinda kaboneka bafata igiteranyo cy'amafaranga yabonetse muntambwe ya 7 bakagabanya igiteranyo rusange cy'imigabane y'abanyamuryango bose cyabonetse muntambwe ya 3. Icyitonderwa: Igisubizo kiboneka kigomba kuba ari umubare uherwa n'imirwa itatu ya nyuma y'ibice Urugero: 544.345.
- Hakurikiraho gushaka amafaranga buri munyamuryango atahana: amafaranga buri munyamuryango w'itsinda atahana, aboneka bafata: (agaciro gashya k'umugabane **ukubye (X)** umubare w'imigabane ya buri munyamuryango mu itsinda) - (Ukuyemo) imyenda (amadeni) buri munyamuryango afitiye itsinda).
- Mu rwego rwo koroshya imibare mu gihe cyo kurasa ku ntego (igAbana), buri munyamuryango atahana amafaranga mu bihumbi n'amajana (ibinyagihumbi n'ibinyejana) byuzuye, ibiceri n'ibice byagaragajwe mu mibare yakozwe hategurwa igikorwa cyo kurasa ku ntego (kugAbana), bisigara mu itsinda nk'umutungo rusange waryo bikazaherwaho mu cyiciro cy'ubwizigame gikurikira igisojwe. Urugero: ku munyamuryango wabariwe **25,696.234 Rwf** atahana 25,600. Naho **96.234 Rwf** agasigara mu itsinda nk'umutungo rusange waryo.



9.1. Ibiranga umurezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato

Umurezi mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato akwiye kurangwa nibi bikurikira:

- Kuba inyangamugayo
- Kuba akunda abana
- Kuba afite ubumenyi ku Mbenezamikirire y'Abana Bato
- Kuba afite imyaka cumi n'umunani kuzamura (18+)

9.2. Inshingano rusange ku barezi b' Abana Bato

Abarezi b'abana bato bose muri rusange bafite inshingano zikurikira:

- Kumenya neza niba aho abana bahererwa serivisi hatekanye kandi hatangirwa serivisi zo gukangura ubwonko bw'abana bato.

- Gutegura gahunda y' icyumweru igamije gukangura ubwonko bw'umwana igomba kuba irimo ibikorwa bitandukanye: indirimbo, imikino abana biyoboramo, iyo babafashamo n'ibindi.
- Gutegura imfashanyigisho n'ibikinisho byifashishwa mu gukangura ubwonko bw'abana.
- Kuyobora abana mu bikorwa bikangura ubwonko bwabo.
- Gutegura igikoma cyangwa ifunguro ry'abana hagendewe ku mabwiriza agenga imirire no gutanga amazi atetse ku bana, kugenzura imikoreshereze y'ubwiherero, no kumenya neza niba ubwiherero n'ahantu hose hasukuye kandi ko igihe cyose hatekaniye abana.
- Gufasha mu itangwa ry'ibiribwa nyunganiramirire bihabwa abana arera bari munsu y'imyaka itatu (3) buri cyumweru. Akenshi ibi biribwa nyunganiramirire bitangwa n'abajyanama b'ubuzima ku bufatanye n'ikigo nderabuzima.
- Gufasha mu kugeza abana barwaye ku kigo nderabuzima kimwegereye cyangwa ku bajyanama b'ubuzima.
- Kugeza, gukora ubuvugizi no gufasha ababyeyi gukurikirana ibibazo by'abana bahohotewe kuri RIB no ku nshuti z' umuryango (IZU).
- Gukurikirana no guhuza ibikorwa bya gahunda y'isura rya buri kwezi rikorwa n'abajyanama b'ubuzima ku bana bo mu Rugo Mbenezamikirire y' Abana Bato, muri gahunda yo gukurikirana ubuzima bwabo.
- Gutanga ibiganiro bigenewe ababyeyi ku burere buboneye, imirire, ubuzima, n'ibindi, ku bufatanye n' inshuti z' umuryango, abajyanama b'ubuzima n'abandi bafatanyabikorwa.
- Gufasha, gukorera ubuvugizi no kohereza abana bafite ubumuga cyangwa bakeneye ubufasha bwihariye ku nzego zishobora kubafasha, ku bufatanye n'inshuti z'umuryango n'abajyanama b'ubuzima.
- Gufasha mu gushyiraho no kwita ku karima k'igikoni mu Rugo Mbenezamikirire y'Abana Bato no guhuza ibikorwa byo kwigisha ababyeyi gutegura indyo buri kwezi, ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima.
- Gukorera ubuvugizi imiryango y'abana arera ifite ikibazo cy'imibereho mibi, ku mukozi ushinzwe imibereho myiza n' iterambere ku rwego rw' akagari.
- Gutanga serivisi Mbenezamikirire mu buryo bukomatanyije.
- Kwandika abana bitabiriye serivisi Mbenezamikirire mu gitabo cyabugenewe buri munsu.



- Gukurikirana no gutanga ubujyanama ku babyeyi mu rwego rwo kubafasha kubahiriza inshingano zabo muri gahunda Mbenezamikorere y'Abana Bato no kubitangira raporo ku ushinzwe igenzurabikorwa ry'iyi gahunda kurwego rwakagari.
- Gufata neza ibikoresho by'urugo Mbenezamikorere byatanzwe.
- Kwitabira inama rusange y'Urugo Mbenezamikorere y'Abana Bato no kugira uruhare mu gufata ibyemezo.
- Gufasha mu gutegura no kugira uruhare mu biganiriro bya buri kwezi bigenewe ababyeyi kimwe na serivisi z'iterambere mu bukungu bwabo.

9.3. Inshingano z'inyongera zihariye ku murezi w'abana bato uhagarariye abandi

Ku bufatanye na Komite Nyobozi y'Urugo uhagarariye abandi afite inshingano zikurikira:

- Kugira uruhare mu gutegura no kuyobora inama z'Urugo Mbenezamikorere y'Abana Bato no kubika inyandiko mvugo z'inama. Kumenyesha komite nyobozi y'urugo, ushinzwe igenzurabikorwa n'ufite i Mbenezamikorere y'Abana Bato mu nshingano ze ku rwego rw'akagali impinduka izo arizo zose zihari mu bakozi, mu bana cyangwa mu masaha y'akazi.
- Kwitabira inama ngarukakwezi n'inama y'abafatanyabikorwa muri Gahunda Mbenezamikorere y'Abana Bato (reba urutonde rwabo ku mugereka wa gatandatu) ku murenge buri gihembwe.
- Gukora nk'umuntu w'ibanze uhoraho mu gutanga amakuru y'urugo ku nzego zitandukanye (umudugudu no ku kagari). Ibi abikorera ahagarariye komite nyobozi y'urugo iba idashobora kuboneka umunsi ku munsi
- Gukurikirana gahunda yo gusimbura ku kazi no kubika raporo y'uko abarezi b'abana bato bitabira akazi.
- Kwandika abana bagomba kwitabira serivisi mu Rugo Mbenezamikorere y'Abana Bato akorera.
- Gukurikirana ko Urugo Mbenezamikorere ruba ahantu hatekanye ku bana. Ibi bijyana no Kugenzura ko nta murezi cyangwa umwana ufite cyangwa ukekweho indwara yandura ku buryo bworoshye uza mu Rugo Mbenezamikorere kugeza igihe muganga yemeje ko nta kibazo yateza abandi.
- Gufatanye na Komite Nyobozi y'Urugo Mbenezamikorere kumvikana no kunoza imikorere hagati y'abo n'umuryango watanze aho rukorera.

9.4. Ibindi by'ingenzi umurezi w'abana bato agiramo uruhare

- **Gahunda y'ibikorwa by'Urugo Mbenezamukurire na raporo ya buri kwezi**

Gukora gahunda y'ibikorwa na raporo ya buri kwezi yifashishije imbonerahamwe itanga umurongo ku bikorwa bya buri kwezi muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato n'ifishi ya raporo ya buri kwezi biri ku mugereka w'iyi mfashanyigisho.

- **Umurezi w'abana bato agira kandi uruhare mu bikorwa bikurikira:**

- Gutumira no kunganira abafatanyabikorwa cyangwa impuguke itanga ibiganiro bigenewe ababyeyi (ibi bikorwa n'umurezi w'abana bato uhagarariye abandi).
- Gutumira ababyeyi no guhuza ibikorwa bya gahunda yo kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye kandi iboneye ya buri kwezi ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima n'ikigo nderabuzima kimwegereye (ibi bikorwa n'umurezi w'Abana Bato uhagarariye abandi).
- Guhuza ibikorwa bya gahunda yo gukurikirana ubuzima bw'abana, no gukurikirana imukurire yabo binyuze mu gupima ibiro, uburebure, ikizigira n'ibindi (ibi bikorwa n'umurezi w'abana bato uhagarariye abandi).
- Gutanga ubujyanama no gukurikirana ababyeyi mu bikorwa by'iterambere ry'ubukungu, gushyira hamwe mu kongera uruhare rwabo mu mitangire ya serivisi binyuze mu matsinda bahuriramo ku Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato.

- **Kwinjira mu nshingano nk'umurezi w'abana bato**

Umurezi w'abana bato yinjira mu nshingano mu buryo bukurikira:

- Gusaba kuba umurezi w'abana bato mu nama rusange y'Urugo Mbenezamukurire no mu nteko rusange y'umudugudu mu ishingwa ry'urugo cyangwa mu nyandiko kubabishoboye.
- Kwemezwa n'urwego rwahawe inshingano zo kwemeza abarezi b'abana bato, hashingiwe ku miterere ya gahunda (VUP, gahunda isanzwe ya Leta ...) n'amabwiriza yatanze.
- Icyitonderwa: Mu gihe ababyeyi aribo bishingiye Urugo Mbenezamukurire badateganya gushyiraho umurezi ubihemberwa, umubyeyi wemerewe kuzana umwana muri gahunda cyangwa undi uhagarariye umubyeyi, wujuje ibisabwaba aba ahindutse umurezi w'abana bato muri urwo Rugo Mbenezamukurire. Aha ababyeyi bigisha mu buryo bwo gusimburana babiri babiri ku munsu.

Icyitonderwa: Bitewe n'urwego n'uburyo Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rwatangijwemo hashobora kugira ibindi bisabwa kuburyo bw'inyogera cyangwa bwihariye ariko bikemezwa n'ufite Imbonezamikurire y'Abana Bato mu nshingano ze ku kagari niba ari Urugo Mbenezamukurire rukorera mu muryango, ku murenge niba ari Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera hafi y'abaturage, ku karere niba ari Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rw'icyitegererezo.

Kuva mu nshingano nk'Umurezi w'Abana Bato

- Mu gihe umurezi w'Abana Bato atuzuza inshingano ze agirwa inama na komite nyobozi y'urugo cyangwa undi mufatanyabikorwa w'ibanze anyuze kuri komite nyobozi y'urugo.
- Iyo bibaye inshuro eshatu atikosora komite Nyobozi y'Urugo imwandikira ibaruwa imuhagarika mu nshingano ikabimenyeshya akagari n'umufatanyabikorwa w'ibanze muri iyo gahunda.
- Ku zindi mpamvu zihariye zatuma ahagarikwa mu nshingano ze, azazimenyeshwa mu nyandiko na komite nyobozi y'Urugo Mbenezamukurire imaze kugisha inama ubuyobozi bw'akagari n'umufatanyabikorwa w'ibanze (iyo ahari).
- Igihe yasezeye ku giti cye, yandikira Perezida wa komite nyobozi y' Urugo Mbenezamukurire, agaha kopi ubuyobozi bw'akagari n'umudugudu, nibura ukwezi kumwe mbere yo guhagarika akazi.
- Igihe amasezerano y'akazi arangiye.
- Igihe Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rwasheshwe n'urwego rubifitiye ububasha cyangwa rwarushinze.

Icyitonderwa: Mu gihe amasezerano y'akazi ku murezi w'abana bato arangiye, kwita ku bana bijya mu maboko ya komite nyobozi y'urugo n'ababyeyi niba nta murezi w'abana bato wundi bafatanyaga ugifite amasezerano y' akazi.



IMIGEREKA

IBICE BIGIZE INAMA	UKO BIGENDA
<p>1. Gutangiza inama</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Perezida w'Itsinda: Mutuze dutangire inama / Hari n'abatangira basenga • Perezida: Umwanditsi nahamagare numero z'abanyamuryango tumenye abitabiriye inama (buri mu nyamuryango agira numero imuranga mu itsinda kuva kuri numero ya mbere (1) kugeza kuri numero ya 30 • <i>Icyitonderwa: Agaseke k'ibihano kaba gateretse imbere ya Perezida w'itsinda kugira ngo abakererwa bajye bashyiramo amafaranga y'ibihano uko baza.</i> • Perezida: Umwanditsi yabaza abantu nka batatu cyangwa bane atomboje bakatwibutsa amafaranga yose hamwe itsinda ryari rimaze kugira mu kigege cy'imigabane • Umwanditsi: -No ...natwibutse amafaranga twari tugezeho mu nama y'ubushize. -No natwibutse amafaranga twari tugezeho mu nama y'ubushize. -No natwibutse amafaranga twari tugezeho mu nama y'ubushize. <i>Icyitonderwa: Uwo binaniye yishyura amafaranga y'ibihano ateganijwe mu mategeko y'umwihariko y'itsinda (akenshi aba ari 50Frw).</i> • <i>Perezida: Umwanditsi yatubwira niba amafaranga bavuze ariyo yanditse?</i> • <i>Perezida: abariza abanyamuryango bose hamwe agira ati: Nibyo koko ayo mafaranga niyo twari tugezeho mu nama iheruka?</i> • <i>Abanyamuryango bagasubiriza hamwe: Yego nibyo cyangwa Oya si byo!</i> • <i>Perezida: uwari watumwe kubitsa amafaranga y'itsinda natange agatabo /borderaux kazenguruke mu banyamuryango barebe ko amafaranga yageze kuri konti y'itsinda koko!</i>

	<p>Icyitonderwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> • <i>Agatabo ka banki kazengurutswa mu banyamuryango, iyo basanze amafaranga yabo abitse neza mu mutekano hakurikiraho kongera kwizigama cyangwa kwishyura imigabane ku banyamuryango b'itsinda.</i> • <i>Iyo basanze amafaranga yabo yagize ikibazo bahita basaba uwari wayahawe kwisobanura, hataboneka igisubizo gikwiye hakifashishwa ubuyobozi bubegereye bahereye ku Rugo Mbenezamurire y'Abana Bato bakoreramo.</i> • <i>Umuyobozi w'urugo anabimenyeshya ushinzwe iterambere mu kagari ufasha mu gukurikirana iki kibazo.</i> <p><i>Icyitonderwa: Iyo itsinda ritarageza ku mafaranga yo gufungura konti, Perezida agira ati: Umubitsi nahereze ababaruramari amafaranga yari yajyanye mu rugo kubikira itsinda turebe ko yagarutse uko twayamuhaye (uko yanganaga kandi atanayavunjishije).</i></p> <p><i>Perezida akomeza agira ati: Hakurikiyeho kwizigama. Mushyire hafi ubwizigame bwanyu (amafaranga cyangwa ibintu bifite agaciro k'amafaranga yemeranyijweho).</i></p>
<p>2. Kwizigama</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Umwanditsi ahamagara buri mubyeyi (umunyamuryango) uko bakurikirana mu numero zabo, buri wese akaza agashyikiriza umubaruramari wa mbere ubwizigame bwe avuga/agira ati: "nizigamye amafaranga akazamura ukuboka ayafashe mu ntoki akayereka abanyamuryango bose. <p>Icyitonderwa: <i>Iyo yazanye ibintu (imyaka cyangwa ibindi) aguma mu mwanya we, agasobanura ko we ibyo yazanye atari amafaranga. Baba bamusimbutse bakaza kumugarukaho bakabyakira nyuma yo kwakira ubwizigame mu mafaranga. Itsinda rikabona kwemeza ko, ibyo yazanye bifite gaciro kangana n'ubwizigame buri wese aba agomba kuzana. Bagenya uburyo bizagurishwa bikavamo amafaranga, azajya kuri konti y'itsinda. Bihabwa umubitsi ariko abanje kubisinyira mu ikaye y'ababaruramari, nk'uko asinyira n'amafaranga biziganye mbere yo kuyajyana kuri konti y'itsinda.</i></p> <ul style="list-style-type: none"> • Iyo umunyamuryango atanze ubwizigame mu mafaranga, umubaruramari wa mbere, arayakira, akayabara, akayahereza umubaruramari wa kabiri. • Umubaruramari wa kabiri nawe arayakira, akayabara, agatanga-

za ubwizigame uwo munyamuryango atanze mu ijwi riranguruye ati: “Numero...yizigamye amafaranga..., yarangiza akayashyira mu gaseke kabigenewe gateretse mu ruziga bicayeho imbere ye aho bose bareba”.

- Umwanditsi yandika amafaranga yishyuwe na buri munyamuryango mu gitabo/ikaye cyabigenewe.
- Umunyamuryango asubira mu mwanya we (ku ruziga ruri gukorerwaho igikorwa cyo kwizigama mu itsinda). Bose babigenza gutyo kugeza igikorwa cyo kwizigama kirangiye.
- Perezida agira ati: “hakurikiyeho kwakira ubwizigame bwaje mu bintu”. Asaba abazanye ubwo bwizigame kubushyikiriza umubaruramari wa mbere, nawe akabushyikiriza umubaruramari wa kabiri bakabushyira imbere yabo iruhande rw’amafaranga yizigamye.
- Perezida akomeza atanga umwanya ku bashaka kugura bya bintu byizigamwe. Iyo hari ubiguze amafaranga avuyemo, ababaruramari barayabara, uwa kabiri akayatangeriza abanyamuryango mu ijwi riranguruye akayongerera ku yandi yizigamwe uwo muni.

Icyitonderwa: iyo ntawubiguze Perezida ahamagara umubitsi maze akabisinyira mu ikaye y’ababaruramari. Bagaragaza (bandika) ingano yabyo (iyo bishoboka birapimwa) akabijyana kubibikira itsinda kugeza igihe bigwiriye bikagurishwa byemejwe n’inama rusange y’itsinda.

- Perezida agira ati: “hakurikiyeho kwishyura ibihano”: asoma urutonde rw’abishyura ibihano ahamagara numero y’uhanwa mu itsinda, akavuga ikosa yakoze n’igihano yishyura. Uhanwa araza akishyura igihano ashya amafaranga mu gaseke k’ibihano kaba gateretse imbere ya Perezida w’itsinda cyangwa agatanga igihe azishyurira kitarenze ukwezi. Byaba byiza yishyuye ku nama itaha iyo bishoboka.
- Perezida agira ati: “ababaruramari nibaze bafate amafaranga y’ibihano bayashyire ku yandi”.
- Umubaruramari wa mbere araza agafata amafaranga y’ibihano akayashyira ku yandi yizigamye.
- Perezida w’itsinda akomeza agira ati: “ababaruramari nibabare amafaranga dutanze harimo ay’ubwizigame n’ibihano byishyurwe uyu muni”.
- Umubaruramari wa kabiri agira ati: “uyu muni igiteranyo cy’amafaranga yose yishyurwe ni...”

	<ul style="list-style-type: none"> • Perezida akomeza agira ati: “umwanditsi yatubwira niba amafaranga atangajwe n’ababaruramari ahwanye n’ayo afite mu mibare y’uyumunsi”.
<p>3. icyiciro cy’amafaranga asohoka mu Itsinda uwo munsu no kujyana asigaye kuri banki.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Perezida abaza abanyamuryango ati: “uyu munsi murabona hari amafaranga itsinda rigomba kwishyura umuntu uwo ariwe wese cyangwa se ikintu rigomba kugura gisaba ko risohora amafaranga?” • Abanyamuryango bakakivuga cyangwa se bakagira abati: “ntacyo” • Itsinda riganira kuri icyo kintu iyo ribyemeje perezida agira ati: “ninde itsinda rihisemo gutuma ngo ahabwe amafaranga azajye kukigura/kubigura?” • Abanyamuryango babiganiraho bakemeza uwo batuma. • Perezida at: “uwo itsinda ritumye niyegere ababaruramari asinyire amafaranga yo kujya kukigura/kubigura /kubyishyura maze bayamuhe. • Uwatumwe cyangwa uwishyurwa yegera ababaruramari bakamuha amafaranga yemejwe n’itsinda akayasinyira akajya kuyagura cyangwa kuyakoresha icyo yagenewe cyemerejwe mu nama rusange y’itsinda. • Perezida abwira ababaruramari ati: “ababaruramari nibabare amafaranga asigaye nyuma yo gusohora ajya kugura ibikenewe batubwire ayo dusigaranye”. • Ababaruramari barayabara bakayatangariza itsinda mu ijwi riranguruye, bigakorwa n’umubaruramari wa kabiri. • Perezida akomeza agira ati: “umwanditsi natubwire niba mu buryo bw’imibare amafaranga bavuga ko ariyo asigaye ku yo twari twizigamye /twishyuye uyu munsi ariyo koko asigaye kandi akomerezeho adutangariza amafaranga tugezeho uyu munsi nk’itsinda agendeye kuri raporo yakoze. • Umwanditsi agira ati: Kuyo twizigamye uyu munsi havuyemo ayo twishyuye hasigaye amafaranga... • Umwanditsi akomeza agira ati: “ku bijyana n’amafaranga tugezeho nk’itsinda, ubushize twatashye dufite amafaranga..., agakomeza agira ati: “uyu munsi dusigaranye amafaranga... ubwo yose hamwe nk’itsinda tugeze ku mafaranga...” • Perezida agira ati: “buri munyamuryango asabwa gufata mu mutwe aya mafaranga cyangwa akayandika kuko tuzayabazwa ubutaha mbere y’uko dutangira igikorwa cyo kwizigama andi”. • Perezida agira ati “umubitsi niyegere ababaruramari asinyire amafaranga twabonye ayajyane kuri banki”

	<p>Icyitonderwa: iyo amafaranga akiri make cyane ataragera ku yo gufunguza konti muri banki cyangwa Umurenge SACCO, Perezida agira ati:” umubitsi niyegere ababaruramari asinyire amafaranga yose hamwe atwaye mu rugo kuyabikira itsinda maze bayamuhe”. Yungamo agasaba umubitsi ko agomba kuyagarura uko yayahawe atayavunjishije. (kuyavunjisha bivuga ko yakoresheje muri gahunda ze)</p>
4. Kuganira ku zindi ngingo	<ul style="list-style-type: none"> • Perezida agira ati: “hakurikiyeho umwanya wo kuganira ku zindi ngingo zikurikira: 1)..... 2)..... 3)
5. Gusozwa	<ul style="list-style-type: none"> • Perezida akomeza agira ati: “ninde ufite ikindi yumva twaganiraho cg ikibazo ashaka ko tunganiraho mbere yo gusozwa? • Baganira ku bitekerezo byatanzwe kandi imyanzuro igashyirwa mu ikaye y’imyanzuro y’inama y’itsinda icungwa n’umwanditsi. • Perezida agira ati: nomero..... natwibutse rimwe mu itegeko ritugenga n’igihano kuwarirenzeho. • Ashobora guhindura akabaza no mu bundi buryo icy’ingenzi n’uko abanyamuryango bagira umuco wo kwibukiranya amategeko abagenga kugirango bakomeze kugira umurongo uhanye bagenderaho kandi bazi bese. • Perezida agira ati: “hakurikiyeho umwanya w’amatangazo. Agakomeza agira ati hari ufite itangazo? Nyuma byarangira nawe agatanga matangazo afite arimo no kugir ati: ndabibutsako inama y’ubutaha iri ku wa...../..... /..... guhera saa..... • Ibiganiro birangiye, Perezida asoza inama, abanyamuryango bagataha. Icyitonderwa1: Hari abasoza basenga nyuma y’uko Perezida abazereye. Icyitonderwa2: Iyi nama imara isaha imwe ku itsinda rimaze kumenyera ubu buryo bwo gukora inama.

Icyitonderwa: Iyo ubu buryo bwubahirijwe:

- Birinda amakimbirane hagati y'abanyamuryango kuko byose bikorerwa mu mucyo kandi hakabaho **igenzura** rihoraho
- Iyo amafaranga y'itsinda akoreshejwe mu buryo budakwiye bivumburwa bidatinze
- Abanyamuryango bose bagira uruhare ku byemezo bifatwa (twibutse ko nta cyemezo na kimwe cyangwa gusohora amafaranga bishobora gukorerwa hanze y'inama rusange y'itsinda)
- Bikuza umuco wo gukorera kuri gahunda, kubahiriza no kugendera ku mategeko
- Koperative ivutse iturutse ku itsinda ryakuriye muri ubu buryo igira amahirwe yo kudahura n'amakimbirane aturuka ku miyoborere mibi n'imicungire mibi y'umutungo kuko abanyamuryango baba baratojwe gukorera mu mucyo, kudaterera iyo ngo baharire komite ifatwa ry'ibyemezo no gukorera ku mategeko.

INTANGIRIRO

Itsinda ry'ababyeyi mu kwizigama no gushora imari mu mishinga ibyara inyungu hagamijwe imitangire irambye ya serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato, ni itsinda ry'ababyeyi barerera, barereye cyangwa bakorana n'Urugo Mbenezamikurire y'Abana Bato mu buryo bwihariye butandukanye ku mpamvu nyamukuru ikurikira:

Gufasha ababyeyi guhura no kwitoza gufatanya mu bikorwa bibateza imbere, bigateza n'imbere Urugo Mbenezamikurire ku nyungu z'umwana.

Iri tsinda rigira abanyamuryango kuva kuri 25 kugeza kuri 30 kugirango byoroshye imicungire yaryo kandi babe bashobora gushyira hamwe ubwizigame bwabafasha gushyira mu bikorwa umushinga biyemeje mu ntangiriro no kugira uruhare mu micungire myiza y'Urugo Mbenezamikurire bakorana narwo mu nyungu z'umwana.

Icyitonderwa: *Mu gihe runaka, abanyamuryango b'itsinda babishatse rishobora guhindukamo Koperative cyangwa kampani (Company). Icyo gihe bayoborwa n'amategeko agenga amakoperative cyangwa kampani (Company) mu Rwanda, bitewe n'icyo bahisemo kuba (Koperative cyangwa kampani). Itsinda ryo rikomeza kugengwa n'amategeko y'umwihariko yaryo hamwe n'itegeko rigenga ibimina mu Rwanda (N° 057/2024 RYO KU WA 20/06/2024).*

I. UMWIRODORO W'ITSINDA

- Izina ry'itsinda.....
- Aho rikorera (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere)
-
- Igihe itsinda ryashingiwe.....
- Igihe Itsinda ryatangiyeye guhugurwa.....

II. NI NDE WEMEREWE KUBA UMUNYAMURYANGO W'ITSINDA

- Imyaka mike ishoboka ku munyamuryango ni:
- Igitsina: Gabo na Gore
- Aho agomba kuba atuye:
- Ibindi byakwitabwaho muri rusange:
 - Kuba uri inyangamugayo
 - Kuba
 -

III. IMIKORERE N'IMIKORANIRE Y'ITSINDA N'IBIGO BY'IMARI

Itsinda rigomba kugira konti mu kigo cy'Imari cyemewe mu gihugu cy'u Rwanda. Itsinda rizakora uko rishoboye kose mu kwirinda kubika amafaranga yaryo mu ngo z'abanyamuryango no ku ma konti y'abanyamuryango ku giti cyabo.

IV. SERIVISI ITSINDA RIZATANGA

- Kubitsa,
- Gushora imari mu mishanga ibyara inyungu
- Ibindi:

.....
.....

V. UKO AMATORA AKORWA

- Amatora agomba gukorwa buri mwaka (buri mezi 12).
- Amatora a korwa mu ibanga.
- Nta muyobozi uguma ku mwanya umwe inshuro zirenze ebyiri zikurikiranya. Cyakoza ashobora kuva ku mwanya yariho agatorerwa undi muri komite y'itsinda.

VI. IYIRUKANWA RY'ABAYOBOZI MU MYANYA YABO MBERE Y'UKO AMATORA ABA

- Abanyamuryango bashobora guhagarika umwe mu bagize komite igihe icyo ari cyo cyose byemejwe na $\frac{3}{4}$ by'abagize itsinda. Ahita asimburwa binyuze mu matora akarangiza igihe uwo asimbuye yari asigaje kuri "mandat" yatorewe.

VII. INAMA Z'ITSINDA

- Abanyamuryango b'itsinda bazajya bahura buri:
- Cyumweru
- Kabiri mu kwezi, ku cyumweyu cya:n'icya:.....
- Rimwe mu kwezi
- Ku munsu wa.....
- Buri myunyamuryango akizigama amafatanga (Shyiramo umubare)

VIII. ABANYAMURYANGO BASEZERA CYANGWA BIRUKANYWE MU ITSINDA

Umunyamuryango usezeye mu itsinda ahabwa ubwizigame bwe hakuwemo ibyo agomba itsinda (umwenda afitiye itsinda). Ibi bigakorwa mu gihe kitarenze amezi atandatu (6). Nta nyungu asaba/ahabwa, ariko mu gihe ashaka inyungu, ategereza isoza ry'icyiciro (Cycle) cy'amezi 12, inyungu zikabarwa, maze akabona guhabwa ubwizigame bwe buri kumwe n'inyungu imugenewe, kimwe n'abandi baba bari kugAbana ubwizigame n'inyugu byabonetse uwo mwaka.

IX. KWIRUKANA UMUNYAMURYANGO MU ITSINDA

Impamvu zatumye umunyamuryango yirukanwa mu itsinda ni izi zikurikira:

- Kurenga kuri aya mategeko inshuro zisaga....., ukagirwa inama n'itsinda ukanga kwisubiraho,
-

X. URUPFU RW'UMUNYAMURYANGO

Mu gihe umunyamuryango apfuye, itsinda rizakora ibi bikurikira:

- Rizamubarira amafaranga y'ubwizigame yari agejemo ahabwe umuryango we hakurikijwe amategeko (N° 27/2016 ryo ku wa 08/07/2016) agenga izungura mu Rwanda.
- Umwe mu bagize umuryango we hakurikijwe amategeko agenga izungura ashobora kumusimbura agakomereza aho yari ageze. Ibi itsinda rizabiganiraho n'abo bireba hagamijwe kubona umuti ukwiye.

XI. AMAKOSA N'IBIHANO

IKOSA	AMAFARANGA ACIBWA	
	Ku munyamuryango usanzwe	Ku muyobozi
1. Gusiba inama y'itsinda, inama y'ababyeyi ku Rugo Mbonezamikurire cyangwa indi abanyamuryango b'itsinda batumiwemo, nta mpamvu ifatika yemewe n'itsinda.RwfRwf
2. Gukererwa inama y'itsinda, inama y'ababyeyi ku Rugo Mbonezamikurire cyangwa indi nama abanyamuryango b'itsinda batumiwemo, nta mpamvu ifatika yemewe n'itsinda.RwfRwf
3. Gutesha agaciro mugenzi wawe, iyo uburyo wabikozemo bwemejwe n'itsinda ko ari ukumutesha agaciro koko (Urugero: Kumutuka cyangwa kumusebya)RwfRwf
4. Kwibagirwa amafaranga itsinda ryatashye rigezeho mu nama y' ubushize (amake ni 50 Rwf)RwfRwf
5. Kwibagirwa ibikoresho by'itsinda ubitse kandi bikenewe mu namaRwfRwf
6. Gufata nabi igikoresho cy'itsinda (Iyo byemejwe n'itsinda ko wagifashe nabi)RwfRwf
7. Guta igikoresho cy'itsinda	Kukishyura	
8. Gusiga mu rugo cyangwa kwibagirwa amafaranga mwizigamye ubushize niba uri umubitsi mukaba mutarafunguza konti yo kutashyiraho cyangwa warageze ku kigo cy'imari ugasanga batakoze (Kuko uba ugomba kuyagarura mu nama y'itsinda)Rwf	
9. Umubitsi wagaruye amafaranga y'itsinda yayavunjishije nta ruhusa yasabye rwo kuyavunjisha (Bisobanuye ko aba yayakoresheje ibye)Rwf	

10. Kugarukana amafaranga y'itsinda wagombaga kujyana kuri banki nta mpamvu ifatika yemewe n'itsinda.Rwf	
11. Kuganira mu nama y'itsinda utahawe ijamboRwf (uko ubikoze)	
12. Umuntu uri muri komite y'itsinda utuzuje inshingano ze nk'umuyobozi	,.....Rwf (Ntaje muni ya 200Rwf)	
13. Gusiba igikorwa cy'itsinda gisaba amaboko y'abanyamuryango cyangwa umuganda itsinda ryatumiwemoRwfRwf

XII. ANDI MAKOSA

Ikosa	Amafaraanga acibwa	
	Umunyamuryango usanzwe	Umuyobozi

XIII. IBIYANA N' IKIGEGA CY'INGOBOKA (KU ITSINDA RYAHISEMO KUKIGIRA)

- Ikigega cy'ingoboka gifasha kugoboka abanyamuryango bagize ibyago cyagwa ibibazo. Ntigitangwaho inguzanyo.
- Inkunga umuntu azajya atanga mu kigega cy'ingoboka kuri buri nama ni:
- Umunyamuryango wafushije uwo bashakanye:
- Umunyamuryango wafushije umwana we wemewe n'amategeko azahabwa amafaranga:
- Umunyamuryango wafushije umubyeyi we cg umurera azahabwa amafaranga:



- Umunyamuryango wapfushije umuvandimwe bavukana kuri se, kuri nyina cyangwa kuri bose (bizwi n’abanyamuryango cyangwa bifitiwe ibimenyetso) azahabwa amafaranga.....
- Umunyamuryango urengeje iminsi ibiri (2) mu bitaro azahabwa amafaranga.....
- Umunyamuryango ufite umwana urengeje iminsi ibiri (2) mu bitaro azahabwa amafaranga
- Umunyamuryango ufite umubyeyi cyangwa umurera urengeje iminsi ibiri (2) mu bitaro azahabwa amafaranga.....
- Ikindi:
- Ikindi:
- Ikindi:
-
-

XIV. GUHINDURA INGINGO CYANGWA KUYONGERA MURI AYA MATEGEKO

- $\frac{2}{3}$ by’abanyamuryango bagomba kwemeza mbere ko hari ingingo zihindurwa cyangwa zongerwa mu mategeko y’umwihariko y’itsinda. Ibi byasabwa n’umunyamuryango uwo ariwe wese.

XV. IFATWA RY’ICYEMEZO KU BIDATEGANIJWE MURI AYA MATEGEKO

- Ku bidateganijwe muri aya mategeko, ikizakorwa kizagenwa biganiriweho kandi bikemezwa n’abanyamuryango binyuze mu matora. Muri aya matora icyemezo gifatwa iyo cyemejwe na $\frac{2}{3}$.
- Hagize utanyurwa, akabigaragaza, bizaganirwaho mu itsinda, mu gihe kitarenze ukwezi, ikibazo nikidakemuka mu bwumvikane, hazifashishwa uburyo busanzweho bwo gukemura amakimbirane mu Rwanda burenze ubu bwavuzwe haruguru.

ABASHYIZE UMUKONO KURI AYA AMATEGEKO Y'UMWIHARIKO KANDI BEMEYE KUYUBAHIRIZA

Amazina	Telefoni	Umukono

IBARURAMARI KURI UYU WA :...../...../.....				
Agaciro k'umugabane mu itsinda :				
No y'umunyamuryango mu itsinda	Agaciro k'ingoboka yishyuye mu nama	Imigabane yizigamye mu nama uyu muni	Ibindi yishyuye (Urugero: Ayishyuwe ku ruhare rw'umubyeyi ku gikoma cy'Abana) -Niba ntabyo andika 0 (Zero)	Amakuru ku mwenda afitiye itsinda kugeza uyu muni
1				
2				
3				
4				
5				
6				
7				
8				
9				
10				
11				
12				
13				
14				
15				
16				
17				
18				
19				
20				
21				
22				
23				
24				
25				
TOTAL				

Raporo ku bikorwa byo kuri iyi tariki:

	Ayo itsinda ryari rigezehio ubushize	Ay'uyu muni	Igiteranyo cya yose	Ayasohotse mu itsinda uyu muni	Asigaye mu itsinda uyu muni /Ayo tugeze tugezeho uyu muni
Agaciro k'imigabane y'ubwizigame bwose					
Ingoboka					
Andi mafaranga yinjiye mu itsinda (.....)					
Amafanga ri mu nguzanyo					
IGITERANYO					

Imyanzuro y'ingenzi yafatiwe mu nama y'uyu muni:

Umwanzuro wa mbere:.....

Umwanzuro wa kabiri:

Umwanzuro wa gatatu:

Amazina y'umwanditsi:

Amazina y'umuyobozi w'itsinda

Umukono w'umwanditsi:.....

Umukono wa Perezida(nte) w'itsinda.....

UMUGEREKA WA KANE: IBIGENDERWAHO MU GUTEGURA GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA BURI KWEZI NA BURI GIHEMBWE MURI GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE				
No	IGIKORWA	IGIHE GIKORERWA	ABAGIKORA	ICYONGERWAHO
1	Kwita ku bana mu gihe ababyeyi babo bari mu mirimo.	Kuva kuwa mbere kugeza ku wa gatan datu, hagati ya saa mbiri na saa sita z'amanywa.	Abarezi b'abana bato.	Aho bishoboka abana baba bari ku Rugo Mbonezamikurire umunsi wose, kandi iminsi ya serivisi ntijya munsi y'itanu mu cyumweru.
2	Gukurikirana imikurire y'Abana barererwa mu Rugo Mbonezamikurire binyuze mu gufata ibipimo by'imikurire.	Bihuzwa n' umunsi icyo gikorwa gisanzwe gikorwaho mu mudugudu Urugo Mbonezamikurire rukoreramo.	Abajyanama b'ubuzima ku bufatanye n' abarezi b'abana bato.	Buri mwana agira aho ibiro, n'ibipimo by' uburebure n'ikizigira cy'ukuboko kwe buri kwezi, mu rwego rwo gukurikirana uko ibyo bipimo byiyongera cyangwa bigabanuka no gufatanya kw'inzego mu gushaka umuti iyo habonetse ikibazo.
3	Kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye kandi iboneye.	Umwe mu minsi y'icyumweru cya gatatu cy'ukwezi, hagati ya saa mbiri na saa yine z'igitondo.	Abajyanama b'ubuzima, ku bufatanye n' Ikigo nderabuzima babifashijwemo n' abarezi b'abana bato.	<ul style="list-style-type: none"> Mu nama mpuzabikorwa ihuza abafatanyabikorwa buri gihembwe ku rwego rw'umurenge hashyirwaho uburyo abajyanama b'ubuzima bazakora iki gikorwa mu ngo Mbonezamikurire zikorera mu kagari n'umurenge, bitabangamiye izindi gahunda bagiramo uruhare. Nibura umubeyi umwe muri buri muryango ufite umwana mu Rugo Mbonezamikurire yitabira iki gikorwa. Byaba bishoboka ababyeyi bombi

				<p>bakitabira.</p> <ul style="list-style-type: none"> Amasaha y'iki gikorwa ashobora kumvikanwaho ku bundi buryo butandukanye n'ubwagaragajwe muri iyi mbonerahamwe hazirikanwa icyifuzo cy'ababyeyi.
4	Ibiganiro bigenewe ababyeyi.	Ibi biganiro bikorwa ku muni wakozeho igikorwa cyo kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye, hagati ya saa yine n'igice na saa sita z'amanjywa.	Inshuti y'umuryango, abajyanama b'ubuzima, umurezi w'abana bato ukuriye abandi cyangwa indi mpuguke yatoranyijwe.	<ul style="list-style-type: none"> Ushinzwe igenzurabikorwa muri Gahunda Mbenezamikorwa y'Abana Bato ku Murenge afatanyije n'ukuriye abarezi b'Abana Bato, bategura uko ibi biganiro bitangwa. Amasaha y'iki gikorwa ashobora kumvikanwaho ku bundi buryo butandukanye n'ubwagaragajwe muri iyi mbonerahamwe hazirikanwa icyifuzo cy'ababyeyi.
5	Inama n'ibikorwa by'amatsinda y'ababyeyi.	Ku cyumweru cya mbere n'icya gatanu cy'ukwezi kuva saa munani kugeza saa kumi z'igicamunsi.	<ul style="list-style-type: none"> Ababyeyi bose barerera mu rugo Mbenezamikorwa Abafashamyumvir e ku iterambere n'imibereho y'abaturage (parasocial workers). 	<ul style="list-style-type: none"> Bigamije iterambere ry'ababyeyi n'iry'Urugo Mbenezamikorwa y'Abana Bato muri rusange. Iyo hari umuganda ukenewe ku Rugo Mbenezamikorwa niwo baheraho mbere y'ibikorwa bindi nko kwizigamira cyangwa gukora ibijyana n'indi mishinga igamije iterambere ry'ababyeyi n'urugo Mbenezamikorwa. Ibi ntibikuraho ko ababyeyi bashobora kwemeranya ku kindi gihe cyihariye cyo gukora ikindi gikorwa mu nyungu z'urugo Mbenezamikorwa ku wundi muni iyo bikenewe.

6	Gahunda yo kujyana abana gusura amashuri abanza.	Buri mwaka, umunsi umwe mu kwezi gusoza igihembwe cya kabiri, n'umunsi umwe mu kwezi gusoza igihembwe cya gatatu; ku bana bujuje imyaka itanu (5) mu Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato.	Ukuriye abarezi b'abana bato, ku bufatanye n'ubuyobozi bw'ikigo cy'amashuri abanza cyegeranye n'urugo Mbonezamikurire.	Bigarukwaho mu nama mpuzabikorwa kuri gahunda Mbonezamikurire ya buri gihembwe ku rwego rw'umurenge kugira ngo ibigo by'amashuri abanza bizagira uruhare muri iki gikorwa byitegure neza iyi gahunda.
7	Gukurikirana ibijyanye no kurinda no kurengera Abana barerera mu rugo Mbonezamikurire.	Ku buryo buhoraho.	<ul style="list-style-type: none"> ● Ishuti z'umuryango. ● Abarezi b'Abana Bato. 	<ul style="list-style-type: none"> ● Inshuti z'umuryango ku mudugudu zikurikirana umutekano w'Abana ku bufatanye n'abarezi b'Abana bagira ubufatanye muri iki gikorwa. ● Inshuti z'umuryango ku mudugudu zitanga raporo ku kagari (binyuze k'ubakuriye ku kagari) ijyanye no kurinda no kurengera Abana buri kwezi, agaha kopi uhagarariye abarezi b'abana bato mu Rugo Mbonezamikurire rwo mu mudugudu akoreramo.
8	Igenzura ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'umutungo w'Urugo	Mu minsi 2 yo mu cyumweru cya nyuma cy'ukwezi kwa gatatu kwa buri gihembwe.	Abagize komite ngenzuzi y'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato.	<ul style="list-style-type: none"> ● Raporo y'igenzura isinywaho n'abagenzuzi bose uko ari batatu. Igomba kuba iriho ubutumwa bugaragaza icyo Perezida wa komite nyobozi y'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato avuga kuri iyi raporo. ● Iyo Perezida wa komite nyobozi adasinyeho,

	Mbonezamikurire y'abana bato.			abagenzuzi bandikaho impamvu babwiwe cyangwa babona atayisinyeho, raporo ikazagezwa ku nama y'inteko rusange y'Urugo Mbonezamikurire igafata umwanzuro ukwiye.
9	Gutanga raporo ngarukakwezi y'ibikorwa by'Urugo Mbonezamikurire ku kagari.	Bitarenze tariki 5 za buri kwezi gukurikira ugutangirwa raporo.	Ukuriye abarezi b'abana bato mu rugo Mbonezamikurire .	Raporo itegurwa n'ukuriye abarezi b'abana bato, ikemezwa na Perezida wa komite nyobozi y'urugo, ikanyuzwa ku buyobozi bw'umudugudu kugirango nabwo businyeho.
10	Gusura Ingo Mbonezamikurire ziri mu murenge mu kugenzura imikorere no kuzunganira.	Nibura buri kwezi kuri buri Rugo Mbonezamikurire, n'ikindi gihe bibaye ngombwa.	Ushinzwe igenzurabikorwa ku rwego rw'umurenge (sector supervisor).	<ul style="list-style-type: none"> Raporo y'isura ibikwa ku murenge ikaba na kimwe mu bimenyetso bigaragaza ko iri sura ryabaye.
11.	Gusura Ingo Mbonezamikurire zo mu midugudu yose igize akagari.	Nibura rimwe mu gihembwe.	Umukozi ushinzwe iterambere n'inyungu zabaturage, umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari.	<ul style="list-style-type: none"> Raporo y'isura cyangwa inama ibikwa ku kagari, ikaba na kimwe mu bimenyetso bigaragaza ko iri sura ryabaye. Iki gikorwa gishobora gusimbuzwa inama ihuza ubuyobozi n'ababyeyi n'abarezi barerera mu Ngo Mbonezamikurire zo mu kagari, ariko ntibyisubiremo mu bihembwe bibiri bikurikirana.
12	Gusura Ingo Mbonezamikurire	Nibura rimwe mu gihembwe ku Ngo	Umukozi ushinzwe imibereho myiza	<ul style="list-style-type: none"> Raporo y'isura ibikwa ku murenge muri serivisi y'imibereho myiza y'abaturage no muri serivisi

	zo mu tugari dutandukanye bikozwe n'ababifite gahunda Mbonezamikurire mu nshingano ku murenge.	Mbonezamikurire zitari muni y'enyeye muri buri kagari.	y'abaturage n'ufite uburezi mu nshingano ze ku murenge.	y'uburezi, kandi ikaba na kimwe mu bimenyetso bigaragaza ko iri sura ryabaye. <ul style="list-style-type: none"> • Iki gikorwa gishobora gusimburwa n'inama ihuza aba bavugwa n'ababyeyi n'ababizi muri buri kagari, ariko ntibyisubiremo mu bihembwe bibiri bikurikirana.
13	Inama gahunda Mbonezamikurire mpuzabikorwa kuri y'Abana Bato ku rwego rw'umurenge.	Inshuro imwe buri gihembwe mu cyumweru gisoza igihembwe.	Abafatanyabikorwa bose muri Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato ku rwego rw'umurenge.	<ul style="list-style-type: none"> • Iyi nama itumizwa n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge. • Iyi nama niyo yemerezwamo gahunda mpuzabikorwa ya buri gihembwe (sector quarterly joint plan) ya serivisi Mbonezamikurire y'Abana Bato ku murenge. • Mbere y'inama, abayitabiriye bashobora guhitamo kubanza bimwe mu bikorwa bya Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato mu rwego rwo kurushaho kumva neza ibikorwa n'uko bikorwa.

GAHUNDA MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO: IFISHI YA RAPORO YA BURI KWEZI KURI BURI RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

INTARA YA/UMUJYI WA.....

AKARERE KA

UMURENGE WA:.....

AKAGARI KA:.....

UMUDUGUDU:

IZINA RY'URUGO MBONEZAMIKURIRE

ICYICIRO URUGO MBONEZAMIKURIRE RUBARIZWAMO(Urugero:Urugo Mbenezamikurire rukorera mu muryango , urugo Mbenezamikurire rw'icyitegererezo cg urundi):.....

AMAZINA NA TELEFONI BY'UHAGARARAYE URUGO MBONEZAMIKURIRE : Amazina :Telefoni:.....

RAPORO Y'UKWEZI KWA : Umwaka wa:.....

URUGO MBONEZAMIKURIRE RWAHAWA UBURENGANZIRA BWO GUKORA (Accreditation -V): yego.... oya.....

URWEGO RAPORO YOHEREJEWEHO (Vuga urwego n'izina:Urugero: Ishuri ribanza rya/Akagari ka):

NO	IBIKORWA BYAKOZWE CYANGWA SERIVISI ZATANZWE	UMUBARE W'ABANA BAHAWE SERIVISI UKU KWEZI HASHINGIWE KU KIGERO CY'IMYAKA YABO														
		Ab'umyaka 2(Niba bahari)			Imyaka 3			imyaka 4			imyaka 5			imyaka 6 (Niba bahari)		
		Gore	Gabo	BOSE HAMWE	Gore	Gabo	BOSE HAMWE	Gore	Gabo	BOSE HAMWE	Gore	Gabo	BOSE HAMWE	Gore	Gabo	BOSE HAMWE
A	IBIREBANA NA SERIVISI ZIHABWA ABANA BATO															
	Umubare w'abana urugo mbenezamikurire rufite															
3	Urugo mbenezamikurire rwatanze serivisi iminsi ingaha mu kwezi gutangirwa raporo ?	Niba umubare w'iminsi iri muni ya 20 Vuga impavu:														
1	Umubare w'abana bese bahawe serivisi mbenezamikurire															
2	Umubare w'abana bafite ubumuga bahawe serivisi															
3	Umubare w'abana bapimwe ibiro n'ikizigira cy'ukuboko (MUAC)uku kwezi															
4	Abana bari mu ibara ry'icyatsi mu bapimwe bese															
5	Abana bari mu ibara ry'umuhondo mu bapimwe bese															
6	Abana bari mu ibara ry'umutuku mu bapimwe bese															
7	a.Umubare w'abana boherejwe ku kigo nderabuzima cyangwa ahandi(Referral)kubera impamvu z'ubufasha burenze bari bakeneye. b. Ibisobanuro birambuye ku mpamvu boherejwe(Niba iki kibazo ntahagarikira andika: Ntibitubereba)															
8	a.Umubare w'abana barwaye cyangwa bagaragaweho ibibazo by'ubuzima uku kwezi gutangirwa raporo b.Indwara zagaragaye cyane mu bana bo muri uru rugo mbenezamikurire(Niba nta ndwara zagaragaye, andika :Nta ndwara zagaragaye)															
9	a.Umubare w'abana bagaragaweho ikibazo cy'isuku nke (niba bahari, niba ntaho andika:0) b.Ni iki kibi gukorwa mu rwego rwo gukemura ikibazo kigaragajwe haruguru?(Niba iki kibazo ntahagarikira, andika: Ntibitubereba)															
10	Umubare w'abana urugo mbenezamikurire rurera basuwe mu muryango iwawo uku kwezi															
11	Umubare w'abana bo mu rugo mbenezamikurire bagaragaweho n' ikibazo cy'ihoterwa															
12	Umubare w'abana bo mu rugo mbenezamikurire bigaragara ko bafite ibyago byo guhura n'ihungabana															
13	Umubare w'iminsi abana bafasheho ifunguro cyangwa igikoma muri uku kwezi															
14	Urugo rufite aho bakarabira intoki, amazi meza n'isabune ? (Mu kazu kabanza Subiza Yego/Oya),mu kazu gakurikiraho: Garagaza aho bakura ayo mazi : ikigega,kano, robine, umugezi utemba, ...)															
15	Urugo mbenezamikurire rufite amazi yo kunywa asukuye(atetse/arimo umuti usukura amazi cyangwa yatunganyijwe mu ruganda).Subiza yego cyangwa oya															
16	Hari ubwiherero busukuye kandi butanga umutekano ku bana? (Subiza Yego cyangwa oya mu kazu kabanza .Niba ari oya, mu kazu gakurikiraho garagaza igiteganijwe gukorwa n'igihe kizakorera															
17	Urugo mbenezamikurire rufite ibikinisho, imfashanyigisho n'ibitabo by'abana bihagajije. Subiza Yego/ Oya mu kazu kabaza . Niba ari Oya garagaza mu kazu gakurikiraho icyo mukora (Urugero: kwikorera ibikinisho, gutira ku ishuri twegeranwe n'ibindi).Niba ntacyo mukora ,andika :Ntacyo turabikoraho)															



B.	IBIREBANA N'ABABYEYI	Gore	Gabo	Bose hamwe	Abafite ubumuga bose			Ibindi bisobanuro
					Gore	Gabo	Bose	
1	Umubare w'ababyeyi bafite abana mu rugo mbonezamukirire bitabiriye ikiganiro kigenewe ababyeyi uku kwezi gutangirwa raporo .							Izina ry'ikiganiro cyahawe ababyeyi:
2	Umubare w'ababyeyi badafite abana mu rugo mbonezamukirire bitabiriye ikiganiro bigenewe ababyeyi uku kwezi							
3	Umubare w'ababyeyi barerera mu rugo mbonezamukirire bitabiriye igikoni cy'umudugudu cyangwa kwiga gutegura indyo yuzuye.							Icyongerwaho (Niba gihari). Niba ntacyo wongeraho andika :Ntacyongerwaho:
4	Umubare w'ababyeyi badafite abana mu rugo mbonezamukirire bitabiriye igikoni cy'umudugudu cyangwa kwiga gutegura indyo yuzuye.							
4	Umubare w'ababyeyi bitabiriye inama y'itsinda/koperative ry'ababyeyi mu kikorwa by'iterambere muri uku kwezi.							Ubwizigame cyangwa agaciro k'imigabane yakusanyijwe n'itsinda ry'ababyeyi :
8	Uruhare rw'ababyeyi bagize mu mitangire ya serivisi mu rugo mbonezamukirire muri uku kwezi gutangirwa raporo (Gutanga igikoma cy'abana, inkwi,.....)							
C.	IBIREBANA N'ABAREZI B'ABANA	Gore	Gabo	BOSE HAMWE	Abafite ubumuga			Ibindi bisobanuro
					Gabo	Gore	Bose	
1	Umubare w'abarezi b'abana bitabiriye gutanga serivisi ku bana nibura iminsi 20 muri uku kwezi							
3	Umubare w'abarezi bitabiriye (Nibura inshuro imwe mu kwezi)Ibikorwa by'itsinda ryo kwizigama cyangwa iterambere ryabo muri rusange (Andika agaciro k'ubwizigame cg imigabane mu itsinda bagezeho)							Agaciro k'ubwizigame /imigabane otsinda rigezemo:
4	Umubare w'abarezi bitabiriye amahugurwa uku kwezi(Niab nt amahugurwa yabayeho camo akarongo kabereyeho ahagenewe ibisobanuro)							Bahuguwe kubiki? Bahuguwe na nde: Bahuguwe iminsi ingaha:.....
4	Abarezi bafite kandi bakoresha inyoborabarezi: Subiza yego cyangwa Oya							Ibisobanuro niba ari OYA
D.	IBIREBANA N'IMIYOBORERE N'IMICUNGIRE Y'URUGO MBONEZAMUKIRIRE	IBINDI BISOBANURO						
	Uru rugo rufite Komite Nyobozi (Yego cyangwa oya)?							
	Uru rugo rufite abagenzuzi(Yego cyangwa oya)?							
B.	Umubare w'ababyeyi bitabiriye inama y'ababyeyi uku kwezi(NB:Ku rugo mbonezamukirire y'abana bato rw'icyitegererezo n'urwego abaturage iyi nama iba rimwe mu mezi atatu:Niba igihe cy'inama kitaragera,nta kibazo kwandika 0:	Gore	Gabo	Bose hamwe	Abafite ubumuga bose			Ibindi bisobanuro
					Gore	Gabo	Bose	
3	Ni ibihe bibazo byagaragajwe n'abagenzuzi mu igenzura ry'urugo mbonezamukirire riheruka gukorwa ? Niab ntabyo andika : Ntabyo							
E.	IBIREBANA NO GUKURIKIRANA IMITANGIRE YA SERIVISI MBONEZAMUKIRIRE							
	Umuyobozi w'umudugudu yaba yarasuye uru rugo mbonezamukirire nibura inshuro imwe uku kwezi gutangirwa raporo (Yego cg Oya)	Ikibazo yasanze gihari n'inama yatanze cg uko yagikemuye:						
2	Ufite "ECD" mu nshingano ze mu kagari yasuye uru rugo mbonezamukirire nibura inshuro imwe muri mezi atatu ashize? (Yego cg Oya)	Ikibazo yasanze gihari n'inama yatanze cg uko yagikemuye:						
4	Ufite "ECD" mu nshingano ze ku murenge yasuye uru rugo mbonezamukirire nibura inshuro imwe muri mezi atatu ashize? (Yego cg Oya)	Ikibazo yasanze gihari n'inama yatanze cg uko yagikemuye:						
5	Ushinzwe uburezi ku murenge yasuye uru rugo mbonezamukirire nibura inshuro imwe muri mezi atatu ashize?	Ikibazo yasanze gihari n'inama yatanze cg uko yagikemuye:						
F.	IBIBAZO URUGO MBONEZAMUKIRIRE RUFITE,UWO RWABIGEJEHO N'ICYO YABIKOZEHO							
1	Ni ikihe kibazo cy'ingutu kirenze ubushobozi bw'ababyeyi n'urugombonezamukirire muri rusange, mubona urugo mbonezamukirire rwanyu rufite kugeza uyu muni ? Cyagejwe kuri nde?							
G.	ANDI MAKURU Y'INGENZI ATAGARAGAJWE HARUGURU							

Raporo yateguwe na:

Amazina :.....
Icyo ashinzwe:Ukuriye abarezi
Umukono:.....

Raporo yemejwe na :

Amazina:.....
Icyo ashinzwe: Perezida wa Komite Nyobozi y'urugo
Umukono :.....

Binyujijwe kuri :

Amazina:.....
Icyo ashinzwe:Umuyobozi w'umudugudu wa.....
Umukono :.....

Umurezi w'abana bato:

- Gukomeza ibikorwa byo gukangura ubwonko bw'umwana no kumutegura kuzatangira amashuri abanza igihe ari mu Rugo Mbenezamikurire binyuze mu mikino, ibiganiro n'umushyikirano na we.
- Guhuza ababyeyi b'umwana n'abafatanyabikorwa mu mitangire ya serivisi Mbenezamikurire zose kimwe n'ubuvugizi aho bukenewe.
- Ku bufatanye n'abajyanama b'ubuzima cyangwa indi nzobere, yigisha ababyeyi uburyo bwo gutegura indyo yuzuye, gutegura no guha Abana igikoma n'andi mafunguro yabonetse mu gihe bari mu Rugo Mbenezamikurire
- Kwita ku isuku y'abana bari mu Rugo Mbenezamikurire, gutoza Abana umuco w'isuku no kugira inama ababyeyi b'abana ku bijyanye n'isuku.
- Kwita ku mutekano w'umwana mu Rugo Mbenezamikurire no kwigisha ababyeyi uburenganzira bw'abana ku bufatanye n'inshuti z'umuryango cyangwa indi nzobere ikorera kuri urwo rwego.
- Kugira uruhare mu guhuza igikorwa cy'ibiganiro bigenewe ababyeyi mu rugo arereramo.

Umubyeyi

- Guha umwana serivisi Mbenezamikurire y'Abana Bato zose no gukurikirana ko yahawe izo adashobora kumuha ubwe.
- Kujyana umwana ku Rugo Mbenezamikurire no kumucyura cyangwa kugurikirana ko undi wese wabihereye uburenganzira yabikoze.
- Kwitabira ibiganiro bigenewe ababyeyi n'ibikorwa bigamije iterambere mu rugo Mbenezamikurire no mu miryango yabo
- Kuzuza inshingano asabwa n'Urugo Mbenezamikurire.

Abavandimwe, abandi babana n'umwana kimwe n'abaturanyi muri rusange

- Gushyigikira no gufasha umuryango kubona ifunguro no kunoza imirire y'umwana aho bikenewe.
- Gutanga urugero mu gutoza umwana isuku n'isukura no kumufasha kuba yabona izindi serivisi Mbenezamikurire.
- Kuba ijisho ry'umuturanyi mu bijyanye no kwita ku kurinda no kurengera umwana muri rusange.

ibigo byita ku bafite ubumuga n'ibindi bibazo byihariye aho cyaba kiri hose

- Gutanga serivisi zihariye z'ubuzima ku bana bafite ubumuga n'ibibazo byihariye (Gukora ubuvuzi bwihariye, ubugororangingo, inyunganirangingo, insimburangingo n'ubujyanama).
- Gutanga uburezi bwihariye.
- Kumufasha kwisanga mu muryango mugari.
- Gutanga ubumenyi bwihariye ku barezi b'Abana mugufasha kwita no gukurikirana Abana bafite ubumuga n'ibibazo byihariye.

Ivuriro

- Kuvura no gukurikirana ubuzima bw'umubyeyi n'umwana
- Kwita no gukurikirana Abana bagaragayeho imirire mibi, n'ibindi bibazo by'ubuzima n'isuku muri rusange.
- Gutanga amakuru kubijyanye n'ubuzima bw'Abana.

Umujyanama w'ubuzima

- Gutanga inama ku babyeyi zijyanye n'ubuzima bwiza bw'umwana.
- Gukurikirana ko umwana abona serivisi zose ku gihe, harimo no kumuvura ibyo afitiye ubushobozi no gukorera ubuvugizi ibyo adashoboye kumuvura kandi ku gihe.

Inshuti y'umuryago

- Kwigisha ababyeyi uburenganzira bw'umwana, kubakangurira kubwubahiriza, no gukurikirana ko bushyirwa mubikorwa.
- Gufasha mu gukemura amakimbirane mu miryango.
- Kugira uruhare mu gutanga ibiganiro bitandukanye bigenewe ababyeyi.
- Gukora ubuvugizi no kohereza ababyeyi b'Abana bahohotewe ku rwego rushinzwe kubafasha.

Gukurikirana ubwitabire bw'abana mu Rugo Mbenezamikirire

- Gutanga inama ku babyeyi zijyanye n'ubuzima bwiza bw'umwana
- Gukurikirana ko umwana abona serivisi zose ku gihe, harimo no kumuvura ibyo afitiye ubushobozi no gukorera ubuvugizi ibyo adashoboye kumuvura kandi kugihe.
- Gufata ibipimo bitandukanye bya buri kwezi bigamije kugaragaza no gukurikirana ingaruka z'imirire y'umwana ku mikurire ye, birimo ibiro, ikizigira cy'ukuboko, agasambi n'ibindi
- Kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye nuko iboneka hifashishijwe ibiboneka aho batuye binyuze mu gikoni cy'umudugudu, n'ibindi.
- Gukurikirana ko Urugo Mbenezamikirire kubijyanye n'isuku.

Ikigo cy'amashuri abanza kiri hafi

- Gufasha ku munsu wo kumenyereza abana ubuzima bwo mu mashuri abanza.
- Gufatanya n'ubuyobozi mu bukangurambaga ku byiza byo kwitabira Gahunda z'Urugo Mbenezamukurire mbere y'uko umwana ajya mu mashuri abanza.

Amahuriro y'abaturage n'urubyiruko mu guteza imbere umuco w'isuku

- Guhugura, kwigisha, ubukangurambaga, n'ubufasha ku baturage mu isuku n'isukura.
- Gufasha (umuganda wihariye) mu bikorwa bikenewe bijyanye n'isuku n'isukura mu Rugo Mbenezamukurire.

Abakozi mu nzego z'ibanze bafite ECD mu nshingano zabo

- Gutanga raparo ku ihohoterwa rikorerwa Abana no gushyiraho ingamba zo kurikumira ritaraba.
- Kugira uruhare mu gutanga ibiganiro bigenewe abayeyi n'ubukangurambaga mu kwitabira Gahunda Mbenezamukurire.

Umujyanama w'ubuhinzi mu mudugudu

- Guhugura ababyeyi mu buhinzi bwa kijyambere no kwihaza mu biribwa.
- Gufasha Urugo Mbenezamukurire gukora akarima k'igikoni, akamaro kako n'uburyo bwo kukitaho.

Komite y'akarere yo gutsinsura imirire mibi

- Gutegura gahunda yo kurwanya imirire mibi mu karere no kuyikurikirana

Isange one stop center

- Gusobanurira abaturage icyo ihohoterwa aricyo, uko rikorwa, uko wanyirinda n'uko watanga amakuru mugihe ubonye uwakorewe ihohoterwa no kubasobanurira inzira uwahohotewe anyuramo ahabwa ubufasha.
- Gufasha mu bijyana n'ubuzima bw'umwana wakorewe ihohoterwa no kubaha ubuvuzi bukenewe kandi mu gihe gikwiye.
- Gufasha umwana wahohotewe gukurikirana uburenganzira bwe mu rwego rw'amategeko, umuhuza n'urwego rw'igihugu rushinzwe ubugenzacyaha (RIB).

RIB, Polisi n'inkiko

- Gufasha mu gukumira, kugenza ibyaha no gutanga ubutabera ku byaha bijyana n'ihohoterwa ryakorerwa umwana.
- Kwigisha abaturage hagamijwe gukumira no gutanga raporo ku ihoterwa aho ryabaye.

Urwego rw'igihugu rufite imikurire no kurinda umwana mu nshingano zarwo (NECDP) n'inzego za leta zigize itsinda rishinzwe guteza imbere imibereho myiza y'abaturage (MINALOC, MINEDUC, MINISANTE, MININFRA, MIGEPROF, MINEMA)

- Gutanga umurongo ngenderwaho mu mitangire ya serivisi no mu bikorwaremezo bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato.
- Gukora igenamigambi no gukurikirana ko rishyirwa mu bikorwa
- Gukusanya ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa igenamigambi ryateguwe
- Guhuza ibikorwa byose bigamije guteza imbere imikurire y'umwana, kurinda no kubahiriza uburenganzira bw'umwana no gukurikirana ko byubahirizwa

Imiryango itari iya leta n'abikorera ku giti cyabo

- Igira uruhare mu gutera inkunga mu mitangire ya serivisi Mbenezamukurire y'Abana Bato
- Kongerera ubushobozi abatanga serivisi Mbenezamukurire y'Abana Bato.
- Gufasha mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato.
- Kunganira leta mubuvugizi bwa Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato.

No	IKIGANIRO	IGIHE KIZATANGIRWA (Ukwezi/Umwaka)
1	Kwita kumwana no ku mwereka urukundo n'urugwiro	Ukwezi kwa mbere/Umwaka wa 1
2	Gufasha umwana gutuza no kumuhoza	Ukwezi kwa Kabiri/Umwaka wa 1
3	Gufasha umwana gukuza ururimi no kuvuga	Ukwezi kwa gatatu/Umwaka wa 1
4	Gukina n'umwana hagamije ko yigira mu bikorwa bya buri muni	Ukwezi kwa kane/Umwaka wa 1
4	Gukora ibikinisho	Ukwezi kwa gatanu/Umwaka wa 1
5	Gutegura indyo yuzuye ku mugore utwite n'uwonsa	Ukwezi kwa gatandatu/Umwaka wa 1
6	Gutegura indyo yuzuye k'umwana	Ukwezi kwa karindwi/Umwaka wa 1
7	Kwirinda no gukemura amakimbirane mu muryango	Ukwezi kwa munani/Umwaka wa 1
8	Uburenganzira bw'umwana	Ukwezi kwa cyenda/Umwaka wa 1
9	Uburere budahutaza umwana no kurwanya ihohoterwa rimukorerwa	Ukwezi kwa cumi/Umwaka wa 1
10	Uruhare rw'ababyeyi bombi mu mikurire myiza y'Abana	Ukwezi kwa Cumi/Umwaka wa 1
11	Gutahura ubumuga, kwita kubana bafite ubumuga n'abandi bafite ibibazo byihariye	Ukwezi kwa cumi na kumwe/ Umwaka wa 1
12	Kwita ku buzima bw'umubyeyi utwite	Ukwezi kwa cumi nabiri/Umwaka wa 1
13	Kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana nyuma yo kubyara	Ukwezi kwa mbere/Umwaka wa 2
14	Ubuzima buzira umuze bw'umwana	Ukwezi kwa kabiri/Umwaka wa 2
15	Akamaro ko kuboneza urubyaro	Ukwezi kwa gatatu/Umwaka wa 2
16	Uruhare rw'isuku n'isukura mu mikurire y'umwana	Ukwezi kwa kane/Umwaka wa 2
17	Ubutabazi bw'ibanze ku mwana ugize ikibazo	Ukwezi kwa gatanu/Umwaka wa 2
18	Uruhare rw'umubyeyi mu mikorere myiza y'urugo Mbonezamikurire	Ukwezi kwa gatandatu/Umwaka wa 2
19	Uburyo butandukanye bwo kurera n'ingaruka bigira kubana	Ukwezi kwa karindwi/Umwaka wa 2
20	Ishusho y'Umubyeyi wifuzwa	Ukwezi kwa munani/Umwaka wa 2
21	Gushaka no gukoresha neza umutungo w'urugo	Ukwezi kwa cyenda/Umwaka wa 2
23-36	Ibiganiro byatoranywa hashingiwe ku mwihariko w'agace	Amezi asigaye

IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI NYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO

1. Kotnik J, Shmis T. Enhancing the Early Childhood Development System in Yakutia (Russia): Meeting the Challenges. CELE Exch. 2011
2. World Bank. Project information document (PID): concept stage report N° PIDC25795 2018;1-13. Available from: <https://data.worldbank.org/indicator/SI.POV.NAHC?locations=RW> .
3. Republic of Rwanda Ministry of Gender and Family Promotion, Minimum Standards and Norms for Early Childhood Development Services in Rwanda. 2016.
4. Evaluation B. Early Childhood Development and Family Services. 2017, (April).
5. Republic of Rwanda Ministry of Health. Igitabo cy'imirire, gutegura no guteka indyo yuzuye. 2014
6. Republic of Rwanda MIGEPROF. Minimum guideline for water sanitation and Hygiene in Early Childhood Development Centers. 2019
7. Republic of Rwanda NCDA. Imfashanyigisho iyobora ababyeyi ku kugira isuku no kwita ku Bana Bato. 2022
8. Gotsadze T, Karzhaubayeva S. Evaluation of Early Child Development and early childhood education in the Republic of Kazakhstan. 2017
9. UNICEF. Transforming the Lives of Children in Rwanda: Investing in Family and Community-Centered Services. 2018
10. Unicef. INTEGRATED ECD. 2019. 1-28 p
11. World Health Organization. Early Childhood: Development and Disability. Psyc critiques [Internet]. 2012;33(8):269. Available from: <http://content.apa.org/reviews/025945>
12. Guide T. Early Childhood Development. 2014
13. Van der Waerden P. Module 1 Dsp Notebook Introduction To Developmental. Notebook, D S P [Internet]. 2013;438. Available from: <http://www.dhs.state.il.us/page.aspx?item=50759>
14. DE MOOR JMH, VAN WAESBERGHE BTM, HOSMAN JBL, JAEKEN D, MIEDEMA S. Early intervention for children with developmental disabilities. Int J Rehabil Res. 1993;16(1):23-32.
15. Board E. Advance Copy. Anthropol News. 1994;35(8):10-10.
16. EENEE_AR32_Benefits of early childhood education and care and the conditions for obtaining them.
17. Choi S-H. Cross-sectoral co-ordination in early childhood: some lessons to learn. UNESCO Policy Briefs Early Child. 2003;(9):0-1.
18. Kaur K, Kaur K. How to use this resource? In: Short Wordless Picture Books. 2020. p. 3-
19. Version R. WORKING IN EARLY CHILDHOOD BOOK 1. 2017;
20. Janta B, van Belle J, Stewart K. Quality and impact of Centre-based Early Childhood Education and Care. Qual impact Centre-based Early Child Educ Care. 2016;

- 
21. European Commission. Proposal for Key Principles of a Quality Framework for Early Childhood Education and Care. Report of the Working Group on Early Childhood Education and Care under the auspices of the European Commission. 2014;71. Available from: http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework_en.pdf
 22. UNICEF. First 1000 days. The Critical window to ensure that children survive and thrive. 2017;(May):3. Available from: https://www.unicef.org/southafrica/SAF_brief_1000days.pdf
 23. UNICEF. UNICEF Joint Health and Nutrition Strategy for 2006-2015. 2005; E/ICEF/20(15 November):1- 23.
 24. NECDA - National Parenting Curriculum
 25. Hesperian Health Guides. Child development and developmental delay. Disabl Village Child. 2009;292.
 26. Devi L. Child development. An Introduction. Vol. 34, Annual review of neuroscience. 1998. 354 p.
 27. PearsonSchools. 1 Understanding children' s development. 2015; Available from: [http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd unit 1.pdf](http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd%20unit%201.pdf)
 28. Krishnan V, Ph D. Early Child Development: A Conceptual Model * Early Child Development: A Conceptual Model *. 2010;(May):7-9.

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

No	Amazina	Aho akorera/ aturuka
1.	Diane Iradukunda	NCDA
2.	Emmanuel Munyampeta	NCDA
3.	Isaac Bikorimana	NCDA
4.	Jean Léonard Byiringiro	LODA
5.	Jean de Dieu Nabimana	LODA
6.	Georgette Mukadepite	Independent recommended by REB
7.	Julienne Mukayirege	REB
8.	Pauline Mukakinyana	Ecole l'Horizon
9.	Augustin Mbarubukeye	Umuhuza
10.	Ildephonse Hitimana	Imbuto Foundation
11.	Clément Kabiligi	Imbuto Foundation
12.	Anathalie Nyirandagijimana	Imbuto Foundation
13.	Jean Bosco Bayingana	Imbuto Foundation
14.	Ezechiel Hategekimana	Imbuto Foundation
15.	Jean De Dieu Kayiranga	Imbuto Foundation
16.	Felix Hagenimana	Imbuto Foundation
17.	Jackson Vugayabagabo	Imbuto Foundation
18.	Géraldine Umutesi	Imbuto Foundation
19.	Joseph Imanishimwe	Imbuto Foundation
20.	Polie Appoline	Imbuto Foundation
21.	Agnes Uwimbabazi	Imbuto Foundation
22.	Gratia Uwizeye	Imbuto Foundation
23.	Felicien Harerimana	Imbuto Foundation
24.	Egide Ingabire	Imbuto Foundation
25.	Eloi Rutaganira	Imbuto Foundation
26.	Eugene Safari	Imbuto Foundation
27.	Placidie Mukamana	Imbuto Foundation
28.	Viateur Hategekimana	Imbuto Foundation
29.	Donath Tuyinganyiki	Imbuto Foundation
30.	Annah Kamateneti	Imbuto Foundation
31.	Alphonse Gatera	Imbuto Foundation
32.	Daniella Murekatete	Imbuto Foundation
33.	Martine Umukunzi	Imbuto Foundation
34.	Raissa Giramata	Imbuto Foundation
35.	Rutayisire Chris	Art-Rwanda Ubuhanzi
36.	François Regis Uwemeye Nshuti	Art-Rwanda Ubuhanzi
37.	Nathanael Nkundimana	Art-Rwanda Ubuhanzi

